# *Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.*

## *Itegeko / Law/ Loi*

**N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018**
Itegeko rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage……………………………………………………2
**N° 75/2018 of 07/09/2018**
Law determining the sources of revenue and property of decentralized entities…………………………………………………………………………...2
**N° 75/2018 du 07/09/2018**
Loi déterminant les sources de revenus et du patrimoine des entités décentralisées……………………………………………………………………2

**ITEGEKO N°75/2018 RYO KU WA 07/09/2018 RIGENA INKOMOKO Y'IMARI N'UMUTUNGO BY'INZEGO Z'IMITEGEKERE Y'IGIHUGU ZEGEREJWE ABATURAGE**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage**

**Ingingo ya 4: Iteganywa mu ngengo y'imari ry'amafaranga yinjizwa**

**UMUTWE WA II: IMISORO N'AMAHORO BY'INZEGO Z'IMITEGEKERE Y'IGIHUGU ZEGEREJWE ABATURAGE**

**Icyiciro cya mbere: Imisoro yakirwa n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage**

**LAW N°75/2018 OF 07/09/2018 DETERMINING THE SOURCES OF REVENUE AND PROPERTY OF DECENTRALIZED ENTITIES**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Definitions**

**Article 3: Sources of revenue and property of decentralized entities**

**Article 4: Projection of revenue in the budget**

**CHAPTER II: TAXES AND FEES FOR DECENTRALIZED ENTITIES**

**Section One: Taxes levied by decentralized entities**

**LOI N°75/2018 DU 07/09/2018 DÉTERMINANT LES SOURCES DE REVENUS ET DU PATRIMOINE DES ENTITÉS DÉCENTRALISÉES**

**TABLE DES MATIÈRES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Définitions**

**Article 3: Sources de revenus et du patrimoine des entités décentralisées**

**Article 4: Prévision des recettes dans le budget**

**CHAPITRE II: TAXES ET IMPÔTS DES ENTITÉS DÉCENTRALISÉES**

**Section première: Taxes perçues par les entités décentralisées**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 5: Ubwoko bw'imisoro yishyurwa inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage** | **Article 5: Types of taxes to be paid to decentralized entities** | **Article 5: Sortes de taxes payables aux entités décentralisées** |
| **Akiciro ka mbere: Umusoro ku mutungo utimukanwa** | **Subsection One: Immovable property tax** | **Sous-section première: Impôt sur les biens immobiliers** |
| **Ingingo ya 6: Abasoreshwa ku mutungo utimukanwa** | **Article 6: Taxpayers of immovable property tax** | **Article 6: Contribuables de l'impôt sur les biens immobiliers** |
| **Ingingo ya 7: Igihe inshingano ya nyir'uburagizwe yo kwishyura umusoro itangirira** | **Article 7: Commencement of the tax liability for the usufructuary** | **Article 7: Début de l'obligation fiscale de l'usufruitier** |
| **Ingingo ya 8: Umutungo utimukanwa uhuriweho** | **Article 8: Co-ownership of immovable property** | **Article 8: Copropriété d'un bien immobilier** |
| **Ingingo ya 9: Abantu bafatwa nka ba nyiri umutungo** | **Article 9: Persons considered to be owners of property** | **Article 9: Personnes présumées propriétaires d'un bien** |
| **Ingingo ya 10: Guhindura nyiri umutungo** | **Article 10: Change of ownership of property** | **Article 10: Changement de propriétaire d'un bien** |
| **Ingingo ya 11: Ishingiro ry'umusoro ku mutungo utimukanwa** | **Article 11: Immovable property tax base** | **Article 11: Assiette de l'impôt sur les biens immobiliers** |
| **Ingingo ya 12: Imitungo itimukanwa isonewe umusoro ku mutungo utimukanwa** | **Article 12: Immovable property exempted from immovable property tax** | **Article 12: Biens immobiliers exonérés d'impôt sur les biens immobiliers** |
| **Ingingo ya 13: Igihe cy'igena ry'agaciro k'imitungo itimukanwa** | **Article 13: Period of immovable property valuation** | **Article 13: Période de détermination de la valeur de biens immobiliers** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Uburyo igenagaciro ry'imitungo itimukanwa rikorwa** | **<u>Article 14</u>: Methodology of valuation of immovable property** | **<u>Article 14</u>: Méthodologie d'évaluation des biens immobiliers** |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Umugenagaciro wemewe** | **<u>Article 15</u>: Certified valuer** | **<u>Article 15</u>: Évaluateur agréé** |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Igipimo cy'umusoro ku nyubako** | **<u>Article 16</u>: Tax rate on buildings** | **<u>Article 16</u>: Taux d'imposition applicable aux bâtiments** |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Ikurikizwa ry'igipimo cy'umusoro ku nyubako** | **<u>Article 17</u>: Application of tax rate on buildings** | **<u>Article 17:</u> Application du taux d'imposition applicable aux bâtiments** |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Igipimo cy'umusoro ku kibanza** | **<u>Article 18</u>: Tax rate on plots of land** | **<u>Article 18</u>: Taux d'imposition applicable aux parcelles** |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Igipimo cy'umusoro utangwa ku butaka burenga ku bipimo fatizo by'ikibanza** | **<u>Article 19</u>: Tax rate for land exceeding the standard size of plot of land** | **<u>Article 19</u>: Taux d'imposition applicable à la superficie excédentaire aux mesures standard d'une parcelle** |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Igipimo cy'umusoro utangwa ku kibanza kidakoreshwa** | **<u>Article 20</u>: Tax rate for undeveloped plot of land** | **<u>Article 20</u>: Taux d'imposition applicable à une parcelle non exploitée** |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Imenyekanisha ry'umusoro ku mutungo utimukanwa rikorwa n'umusoreshwa** | **<u>Article 21</u>: Tax declaration on immovable property by the taxpayer** | **<u>Article 21</u>: Déclaration d'impôt sur le bien immobilier par le contribuable** |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Imenyekanisha ry'iyongeragaciro n'itakazagaciro** | **<u>Article 22</u>: Declaration of appreciation and depreciation** | **<u>Article 22</u>: Déclaration de la plus-value et de la moins-value** |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Kongera gusuzuma no kubara umusoro bikorwa n'urwego rusoresha** | **<u>Article 23</u>: Review and re-assessment of tax by the tax administration** | **<u>Article 23</u>: Révision et réajustement de l'impôt par l'administration fiscale** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 24</u>: Inyandiko igena umusoro** | **<u>Article 24</u>: Tax assessment notice** | **<u>Article 24</u>: Note d'imposition** |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Itariki n'igihe by'iyishyurwa ry'umusoro ku mutungo utimukanwa** | **<u>Article 25</u>: Time and cycle for payment of tax on immovable property** | **<u>Article 25</u>: Date et cycle de paiement de l'impôt sur le bien immobilier** |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Igihe cyo kwishyura umusoro w'inyongera** | **<u>Article 26</u>: Period of additional tax payment** | **<u>Article 26</u>: Délai de paiement de l'impôt additionnel** |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Isoreshwa ry'umusoreshwa waburiwe irengero** | **<u>Article 27</u>: Tax collection from a disappeared taxpayer** | **<u>Article 27</u>: Imposition d'un contribuable disparu** |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Ihame ry'uko umusoro ubanza ukishyurwa** | **<u>Article 28</u>: Prior tax payment privilege** | **<u>Article 28</u>: Privilège fiscal du préalable** |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Gusaba kongererwa igihe cyo kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa no guhabwa igisubizo** | **<u>Article 29</u>: Request and response to the request of referral of tax payment of immovable property** | **<u>Article 29</u>: Demande et suite à la demande du report de paiement d'impôt sur le bien immobilier** |
| **<u>Ingingo ya 30</u>: Kongera igihe cyo kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa** | **<u>Article 30</u>: Deferral of tax payment on immovable property** | **<u>Article 30</u>: Report du paiement de l'impôt sur le bien immobilier** |
| **<u>Ingingo ya 31</u>: Kuvanirwaho umusoro ku mutungo utimukanwa** | **<u>Article 31</u>: Waiver of tax liability** | **<u>Article 31</u>: Dispense de paiement d'impôt** |
| **<u>Akiciro ka 2</u>: Umusoro w'ipatanti** | **<u>Subsection 2</u>: Trading licence tax** | **<u>Sous-section 2</u>: Droit de patente** |
| **<u>Ingingo ya 32</u>: Ufite inshingano yo kwishyura umusoro w'ipatanti** | **<u>Article 32</u>: Person liable for the trading licence tax** | **<u>Article 32</u>: Personne redevable du droit de patente** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 33: Igihe cy'umusoro w'ipatanti** | **Article 33: Tax period for the trading licence tax** | **Article 33: Exercice fiscal pour le droit de patente** |
| **Ingingo ya 34: Igipimo cy'umusoro w'ipatanti** | **Article 34: Trading licence tax rate** | **Article 34: Taux d'imposition du droit de patente** |
| **Ingingo ya 35: Itariki yo kumenyekanisha umusoro w'ipatanti** | **Article 35: Date of trading licence tax declaration** | **Article 35: Date de déclaration du droit de patente** |
| **Ingingo ya 36: Ibishyirwa mu imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti** | **Article 36: Contents of a trading licence tax declaration** | **Article 36: Contenu d'une déclaration du droit de patente** |
| **Ingingo ya 37: Imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti ku bikorwa by'icyicaro gikuru n'iby'amashami** | **Article 37: Trading licence tax declaration for the head office and operating branches** | **Article 37: Déclaration du droit de patente pour le siège social et les branches d'activités** |
| **Ingingo ya 38: Imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti hakurikijwe umubare w'inyubako zikorerwamo ibikorwa by'ubucuruzi** | **Article 38: Trading licence tax declaration basing on the number of business activity buildings** | **Article 38: Déclaration du droit de patente selon le nombre des bâtiments d'activités commerciales** |
| **Ingingo ya 39: Imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti w'ibikorerwa mu Turere turenze kamwe** | **Article 39: Trading licence tax declaration for business in more than one District** | **Article 39: Déclaration du droit de patente pour activités à cheval sur plus d'un District** |
| **Ingingo ya 40: Kwishyura umusoro w'ipatanti** | **Article 40: Trading licence tax payment** | **Article 40: Paiement du droit de patente** |
| **Ingingo ya 41: Isonerwa ry'umusoro w'ipatanti** | **Article 41: Trading licence tax exemption** | **Article 41: Exonération du droit de patente** |

**Ingingo ya 42: Itangwa ry'icyemezo cy'umusoro w'ipatanti**

**Ingingo ya 43: Kumanika icyemezo cy'umusoro w'ipatanti**

**Ingingo ya 44: Kwerekana icyemezo cy'umusoro w'ipatanti**

**Ingingo ya 45: Isimburwa ry'icyemezo cy'umusoro w'ipatanti**

**Ingingo ya 46: Isubizwa ry'umusoro w'ipatanti**

**Akiciro ka 3: Umusoro ku nyungu z'ubukode**

**Ingingo ya 47: Ishingiro ry'umusoro ku nyungu z'ubukode**

**Ingingo ya 48: Inyungu z'ubukode zisoreshwa**

**Ingingo ya 49: Amasezerano y'ubukode**

**Ingingo ya 50: Igipimo cy'umusoro ku nyungu z'ubukode**

**Ingingo ya 51: Uburyo bwo kubara umusoro ku nyungu z'ubukode**

**Article 42: Issuing a trading licence tax certificate**

**Article 43: Posting of the trading licence tax certificate**

**Article 44: Presentation of the trading licence tax certificate**

**Article 45: Replacement of the trading licence tax certificate**

**Article 46: Refunding of trading licence tax**

**Subsection 3: Rental income tax**

**Article 47: Rental income tax base**

**Article 48: Taxable rental income**

**Article 49: Rental contract**

**Article 50: Rental income tax rate**

**Article 51: Rental income tax computation method**

**Article 42: Délivrance de la vignette du droit de patente**

**Article 43: Affichage de la vignette du droit de patente**

**Article 44: Présentation de la vignette du droit de patente**

**Article 45: Remplacement de la vignette du droit de patente**

**Article 46: Remboursement du droit de patente payé**

**Sous-section 3: Impôt sur le revenu locatif**

**Article 47: Assiette de l'impôt sur le revenu locatif**

**Article 48: Revenu locatif imposable**

**Article 49: Contrat de location**

**Article 50: Taux d'imposition du revenu locatif**

**Article 51: Mode de calcul de l'impôt sur le revenu locatif**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 52: Itariki y'imenyekanisha ry'umusoro ku nyungu z'ubukode** | **Article 52: Date of rental income tax declaration** | **Article 52: Date de déclaration de l'impôt sur revenu locatif** |
| **Ingingo ya 53: Ibishyirwa mu imenyekanisha ry'umusoro ku nyungu z'ubukode** | **Article 53: Contents of rental income tax declaration** | **Article 53: Contenu de la déclaration de l'impôt sur revenu locatif** |
| **Ingingo ya 54: Itangwa ry'umusoro ku nyungu z'ubukode** | **Article 54: Rental income tax payment** | **Article 54: Paiement de l'impôt sur le revenu locatif** |
| **Icyiciro cya 2: Amahoro yakirwa n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage** | **Section 2: Fees levied by decentralized entities** | **Section 2: Taxes perçues par des entités décentralisées** |
| **Ingingo ya 55: Ubwoko bw'amahoro yishyurwa inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage** | **Article 55: Types of fees to be paid to decentralized entities** | **Article 55: Sortes de taxes payables à des entités décentralisées** |
| **Ingingo ya 56: Amahoro yishyurwa ku mirimo ikozwe** | **Article 56: Fees levied on services rendered** | **Article 56: Taxes perçues sur les services prestés** |
| **Ingingo ya 57: Igenwa ry'amahoro yakwa n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage** | **Article 57: Determination of fees levied by decentralized entities** | **Article 57: Détermination des taxes perçues par les entités décentralisées** |
| **Icyiciro cya 3: Ingingo zihuriweho n'imisoro n'amahoro** | **Section 3: Common provisions to taxes and fees** | **Section 3: Dispositions communes aux impôts et taxes** |
| **Ingingo ya 58: Urwego rusoresha** | **Article 58: Tax administration** | **Article 58: Administration fiscale** |
| **Ingingo ya 59: Inyungu n'ibihano by'ubukererwe** | **Article 59: Interests and penalties for late payment** | **Article 59: Intérêts et pénalités pour paiement tardif** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 60: Imitunganyirize y'isoresha** | **Article 60: Tax procedure** | **Article 60: Procédure fiscale** |
| **Ingingo ya 61: Itangazwa ry'ibyemezo birebana n'imisoro n'amahoro** | **Article 61: Publication of taxes and fees related decisions** | **Article 61: Publication des décisions relatives aux impôts et taxes** |
| **Ingingo ya 62: Ubusaze bw'uburenganzira bwo kugenzura** | **Article 62: Time limit for audit right** | **Article 62: Prescription du droit d'audit** |
| **UMUTWE WA III: IZINDI NKOMOKO Z'IMARI Y'INZEGO Z'IMITEGEKERE Y'IGIHUGU ZEGEREJWE ABATURAGE** | **CHAPTER III: OTHER SOURCES OF REVENUE FOR DECENTRALIZED ENTITIES** | **CHAPITRE III: AUTRES SOURCES DE REVENUS DES ENTITÉS DÉCENTRALISÉES** |
| **Ingingo ya 63: Inguzanyo** | **Article 63: Loans** | **Article 63: Emprunts** |
| **Ingingo ya 64: Ishoramari** | **Article 64: Investments** | **Article 64: Investissements** |
| **Ingingo ya 65: Inkunga y'imari itangwa na Leta** | **Article 65: Government subsidies** | **Article 65: Subventions de l'État** |
| **UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 66: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 66: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 66: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 67: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko** | **Article 67: Repealing provision** | **Article 67: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 68: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 68: Commencement** | **Article 68: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO N°75/2018 RYO KU WA 07/08/2018 RIGENA INKOMOKO Y'IMARI N'UMUTUNGO BY'INZEGO Z'IMITEGEKERE Y'IGIHUGU ZEGEREJWE ABATURAGE**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite mu nama yawo yo ku wa 02 Kanama 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 164, iya 165 n'iya 176;

**LAW N°75/2018 OF 07/08/2018 DETERMINING THE SOURCES OF REVENUE AND PROPERTY OF DECENTRALIZED ENTITIES**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 02 August 2018;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 164, 165 and 176;

**LOI N°75/2018 DU 07/08/2018 DÉTERMINANT LES SOURCES DE REVENUS ET DU PATRIMOINE DES ENTITÉS DÉCENTRALISÉES**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 02 août 2018;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 164, 165 et 176;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n°12/2013/OL ryo ku wa 12/09/2013 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 27;

Isubiye ku Itegeko n° 59/2011 ryo ku wa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze rikanagena imikoreshereze yabyo;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura:

1° **agaciro ku isoko:** amafaranga umutungo wagurishwa uramutse ushyizwe ku isoko ku munsi runaka;

Pursuant to Organic Law n° 12/2013/OL of 12/09/2013 on State finances and property, especially in Article 27;

Having reviewed Law n° 59/2011 of 31/12/2011 establishing the sources of revenue and property of decentralized entities and governing their management;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law determines the sources of revenue and property of decentralized entities.

**Article 2: Definitions**

In this Law, the following terms mean:

1° **market value:** amount of money for which property would be sold on the market on a given date;

Vu la Loi Organique n° 12/2013/OL du 12/09/2013 relative aux finances et au patrimoine de l'État, spécialement en son article 27;

Revu la Loi n° 59/2011 du 31/12/2011 portant source de revenus et du patrimoine des entités décentralisées et régissant leur utilisation;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi détermine les sources de revenus et du patrimoine des entités décentralisées.

**Article 2: Définitions**

Dans la présente loi, les termes repris ci-après signifient:

1° **valeur marchande:** somme d'argent à laquelle un bien devrait être vendu sur un marché à la date donnée;

2° **ibigo by'ubucuruzi bito n'ibiciriritse:** ibigo by'ubucuruzi birimo ibito cyane, ibito n'ibiciriritse byujuje nibura ibisabwa bibiri muri bitatu bishingiye ku mubare nyawo w'amafaranga yashowe, umubare w'amafaranga y'ibyacurujwe mu mwaka n'umubare w'abakozi, mu buryo bukurikira:

a) **ikigo gito cyane:** ikigo cy'ubucuruzi gifite igishoro nyakuri kiri munsi y'ibihumbi magana atanu by'amafaranga y'u Rwanda (500.000 FRW), umubare w'amafaranga y'ibyacurujwe mu mwaka uri munsi y'ibihumbi magana atatu (300.000 FRW) n'umubare w'abakozi bari hagati y'umwe (1) na batatu (3);

b) **ikigo gito:** ikigo cy'ubucuruzi gifite igishoro nyakuri kingana n'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000 FRW) kugeza kuri miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000 FRW), umubare w'amafaranga y'ibyacurujwe mu mwaka ungana n'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atatu (300.000 FRW) kugeza kuri miliyoni cumi n'ebyiri (12.000.000 FRW)

2° **small and medium enterprises:** businesses which include micro, small and medium enterprises that fulfil at least two of three conditions based on net capital investments, annual turnover and number of employees, as follows:

a) **micro enterprise:** business having less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) as net capital investments, less than three hundred thousand Rwandan francs (FRW 300,000) as annual turnover and having between one (1) and three (3) employees;

b) **small enterprise:** such business having from five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) to fifteen million Rwandan francs (FRW 15,000,000) as net capital investments, from three hundred thousand Rwandan francs (FRW 300,000) to twelve million Rwandan francs (FRW 12,000,000) as annual turnover and having from four (4) to thirty (30) employees;

2° **petites et moyennes entreprises:** entreprises commerciales qui regroupent des micro, petites et moyennes entreprises remplissant au moins deux des trois conditions en termes d'investissements nets en capital, de chiffre d'affaires annuel et de nombre d'employés, comme suit:

a) **microentreprise :** entreprise ayant moins de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) en investissements nets, moins de trois cent mille francs rwandais (300.000 FRW) de chiffre d'affaires annuel et comptant entre un (1) et trois (3) employés;

b) **petite entreprise :** entreprise ayant de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) à quinze millions de francs rwandais (15.000.000 FRW) en investissements nets, de trois cent mille francs rwandais (300.000 FRW) à douze millions de francs rwandais (12.000.000 FRW) comme chiffre d'affaires annuel et ayant de quatre (4) à trente (30) employés;

n'umubare w'abakozi kuva kuri bane (4) kugeza kuri mirongo itatu (30);

c) **ikigo giciriritse:** ikigo cy'ubucuruzi gifite igishoro nyakuri kingana n'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000 FRW) kugeza kuri miliyoni mirongo irindwi (70.000.000 FRW), umubare w'amafaranga y'ibyacurujwe mu mwaka ungana n'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni cumi n'ebyiri (12.000.000 FRW) kugeza kuri miliyoni mirongo itanu (50.000.000 FRW) n'umubare w'abakozi kuva kuri mirongo itatu n'umwe (31) kugeza ku ijana (100).

3° **ibikorwa remezo by'ibanze:** ibikorwa Leta yegereza abaturage mu rwego rwo kuzamura iterambere ry'imibereho yabo, birimo imihanda, amashuri, amavuriro, amazi, amashanyarazi, n'ibindi;

4° **ibyongerera agaciro umutungo utimukanwa:** ibintu cyangwa ibikoresho bitimukanwa bitari inyubako ariko byongerera agaciro ikibanza cyangwa inyubako;

c) **medium enterprise:** business having from fifteen million Rwandan francs (FRW 15,000,000) to seventy million Rwandan francs (FRW 70,000,000) as net capital investments, from twelve million Rwandan francs (FRW 12,000,000) to fifty million Rwandan francs (FRW 50,000,000) as annual turnover and having from thirty one (31) to one hundred (100) employees.

3° **basic infrastructure:** activities that are made available to the population by the government for the purposes of boosting their social development, including roads, schools, health facilities, water, electricity, etc.;

4° **improvements:** immovable structures or amenities that are not buildings but increase the actual value of a plot of land or a building;

c) **entreprise moyenne :** entreprise ayant de quinze millions de francs rwandais (15.000.000 FRW) à soixante-dix millions de francs rwandais (70.000.000 FRW) en investissements nets, de douze millions de francs rwandais (12.000.000 FRW) à cinquante millions de francs rwandais (50.000.000 FRW) comme chiffre d'affaires annuel et ayant de trente et un (31) à cent (100) employés.

3° **infrastructures de base:** activités rendues disponibles à la population par l'État dans le cadre de leur développement social, y compris les routes, les écoles, les structures sanitaires, l'eau, l'électricité, etc.;

4° **améliorations:** structures ou aménagements immobiliers qui ne sont pas des constructions mais qui augmentent la valeur de la parcelle ou d'un immeuble;

5° **icyemezo cy'umutungo:** inyandiko yo mu rwego rw'amategeko ihamya uburenganzira bw'umuntu ku mutungo itangwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha hakurikijwe amategeko;

6° **icyiciro cy'isuzuma:** igihe cyisubiramo cy'imyaka itanu (5) gitangira ku itariki ya 01 Mutarama mu mwaka wa mbere nyuma y'uko iri tegeko ritangiye gukurikizwa, gikorwamo isuzuma ry'umusoro;

7° **ikibanza:** ubutaka bwanditse bufite imbago zizwi butunzwe n'umuntu umwe cyangwa n'abantu benshi;

8° **ikigo cya Leta:** ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi cyangwa itari iy'ubucuruzi, gifite ubuzimagatozi n'ubwisanzure mu micungire y'abakozi n'umutungo kandi gishyirwaho n'itegeko ryihariye;

9° **inyubako:** inzu cyangwa ikindi gikoreshwa nka yo mu buryo buhoraho cyangwa bw'igihe gito;

10° **inyubako yagenewe guturwamo:** inzu igenewe guturwamo nk'icumbi;

5° **title deed:** a written legal document confirming a person's right to property which is delivered by the competent authority in accordance with the law;

6° **assessment cycle:** a repetitive period of five (5) years that commences on 01 January of the first year after the commencement of this Law for which assessment of tax is done;

7° **plot of land:** a registered piece of land with clear boundaries owned by one or several persons;

8° **public institution:** Government-owned commercial or non-commercial entity having legal personality and enjoying financial and administrative autonomy and which is established by a specific law;

9° **building:** a house or other similar structure used on a permanent or temporary basis;

10° **residential building:** a house intended for occupancy for dwelling purposes;

5° **titre de propriété:** document juridique écrit confirmant le droit d'une personne à un bien qui est délivré par l'autorité compétente conformément à la loi;

6° **cycle d'évaluation:** période cyclique de cinq (5) ans qui commence le 1er janvier de la première année après l'entrée en vigueur de la présente loi pour laquelle est faite l'évaluation de l'impôt;

7° **parcelle:** terrain enregistré bien délimité qui appartient à une ou plusieurs personnes;

8° **établissement public:** entité à caractère commercial ou non commercial appartenant à l'État dotée de la personnalité juridique et jouissant de l'autonomie de gestion financière et administrative et créée par une loi spécifique;

9° **bâtiment:** maison ou autre structure similaire utilisée à titre permanent ou temporaire;

10° **bâtiment résidentiel:** immeuble destiné à être occupé comme logement;

11° **inyubako yagenewe inganda:** inzu igenewe ibikorwa by'inganda yubatswe ubuyobozi bubifitiye ububasha bubitangiye uruhushya;

12° **inyubako y'ubucuruzi:** inzu igenewe ibikorwa by'ubucuruzi yubatswe, ubuyobozi bubifitiye ububasha bubitangiye uruhushya;

13° **inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage:** inzego z'ubuyobozi zegerejwe abaturage zifite ubuzimagatozi kandi zifite ubwigenge ku micungire y'imari n'abakozi bazo;

14° **nyiri umutungo:** umuntu wanditswe nka nyiri umutungo utimukanwa cyangwa ufite ubundi burenganzira ku mutungo n'ufatwa nka nyiri umutungo hakurikijwe amategeko y'u Rwanda;

15° **uburagizwe:** uburenganzira bwo gukoresha no kwikenuza ibikomoka ku mutungo w'undi muntu nka nyirawo hatabayeho guhindura imiterere yawo;

16° **ubutaka budakoreshwa:** ubutaka budakoreshwa icyo bwagenewe nk'uko

11° **industrial building:** a house for which the competent authority has authorized the construction for industrial purposes;

12° **commercial building:** a house for which the competent authority has authorized the construction for commercial purposes;

13° **decentralized entities:** local administrative entities having legal personality and enjoying administrative and financial autonomy;

14° **owner of a property:** a person registered as owner of an immovable property or a holder of other rights on the property and whoever is considered to be the owner of the property thereof in accordance with Rwandan law;

15° **usufruct:** right to use and benefit from the proceeds from property of another person in the same way as its owner on conditions of preserving its substance;

16° **undeveloped land:** land that is not utilized for the intended purpose as

11° **bâtiment industriel:** immeuble dont l'autorité compétente a autorisé la construction à des fins industrielles;

12° **bâtiment commercial:** immeuble dont l'autorité compétente a autorisé la construction à des fins commerciales;

13° **entités décentralisées:** entités administratives locales dotées de la personnalité juridique et jouissant de l'autonomie administrative et financière;

14° **propriétaire:** personne enregistrée comme propriétaire d'un bien immeuble ou considérée comme titulaire d'autres droits sur ce bien et toute autre personne considérée comme propriétaire du bien conformément à la législation rwandaise;

15° **usufruit:** droit d'utiliser un bien dont une autre personne est propriétaire et d'en percevoir les revenus de la même manière que son propriétaire à condition de préserver sa substance;

16° **terre non exploitée:** terre non utilisée conformément à son usage officiel tel que

biteganywa n'amategeko agenga imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka;

17° **umuntu:** umuntu ku giti cye, ikigo, urwego rwa Leta, isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ishyirahamwe iryo ari ryo ryose;

18° **umusoreshwa:** umuntu uwo ari we wese ugomba gutanga umusoro nk'uko biteganywa n'iri tegeko;

19° **umusoro ku mutungo utimukanwa:** umusoro wakwa ku mutungo uri ahantu udashobora kuvanwa mu buryo mbumbe ngo wimurirwe ahandi n'ibindi biwongerera agaciro;

20° **umusoro ku nyungu z'ubukode:** umusoro wakwa ku musaruro ukomoka ku bukode bw'umutungo utimukanwa;

21° **umusoro w'ipatanti:** umusoro wakwa ku bikorwa by'ubucuruzi bikorerwa mu mbago z'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;

22° **urwego rusoresha:** urwego rushinzwe kubara no kwakira imisoro n'amahoro mu izina ry'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage.

provided for by laws governing land use and management;

17° **person:** any individual, entity, government institution, company or any other association;

18° **taxpayer:** any person who is subject to tax in accordance with this Law;

19° **immovable property tax:** tax levied on property that has a fixed location and cannot be moved elsewhere and improvements thereto;

20° **rental income tax:** tax levied on income derived from rented immovable property;

21° **trading licence tax:** a tax levied on business activities carried out in defined boundaries of decentralized entities;

22° **tax administration:** institution in charge of assessment and collection of taxes on behalf of decentralized entities.

prévu par les lois portant régime de gestion et d'utilisation foncières;

17° **personne:** toute personne physique ou morale, institution publique, société commerciale ou toute autre association;

18° **contribuable:** toute personne soumise à l'impôt conformément à la présente loi;

19° **impôt sur les biens immobiliers:** impôt perçu sur les biens immobiliers se trouvant dans un endroit fixe et qui ne peuvent être déplacés vers un autre endroit et sur les améliorations y apportées;

20° **impôt sur le revenu locatif:** impôt perçu sur le revenu provenant de la location de la propriété immobilière;

21° **droit de patente:** impôt perçu sur les activités commerciales exercées dans une zone administrative des entités décentralisées;

22° **administration fiscale:** institution chargée de l'évaluation et de la collecte d'impôts au nom des entités décentralisées.

**Ingingo ya 3: Inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage**

Imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage bikomoka aha hakurikira:

1° imisoro n'amahoro byishyurwa hakurikijwe iri tegeko;

2° amafaranga ava ku byemezo bitanzwe n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage n'ayakwa ku byongerera igihe;

3° amafaranga inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage zunguka ku ishoramari n'ayo zunguka ku migabane yazo bwite no mu bikorwa bigamije kubyara inyungu;

4° ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi;

5° amafaranga y'inguzanyo;

6° amafaranga n'inkunga y'imari bitangwa na Guverinoma;

7° impano n'indagano;

**Article 3: Sources of revenue and property of decentralized entities**

The revenue and property of decentralized entities come from the following sources:

1° taxes and fees paid in accordance with this Law;

2° funds obtained from issuance of certificates and their extension by decentralized entities;

3° profits from investment of decentralized entities and interests from their own shares and income-generating activities;

4° administrative fines;

5° loans;

6° Government subsidies;

7° donations and bequests;

**Article 3: Sources de revenus et du patrimoine des entités décentralisées**

Les revenus et le patrimoine des entités décentralisées proviennent des sources suivantes:

1° les taxes et impôts payés conformément à la présente loi;

2° les recettes provenant de la délivrance des attestations par les entités décentralisées et de leur prolongation;

3° les revenus provenant des investissements effectués par les entités décentralisées et les intérêts de leurs actions et des activités génératrices de revenus;

4° les amendes administratives;

5° les emprunts;

6° les subventions du Gouvernement;

7° les dons et legs;

8° amafaranga aturuka mu bafatanyabikorwa;

9° amafaranga aturuka ku gaciro k'umutungo utimukanwa ugurishijwe muri cyamunara;

10° amafaranga aturuka ku bukode no ku igurishwa ry'ubutaka bw'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;

11° andi mafaranga yose y'amahoro n'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ashobora kwakirwa n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage hakurikijwe ibiteganywa n'andi mategeko y'u Rwanda.

**Ingingo ya 4: Iteganywa mu ngengo y'imari ry'amafaranga yinjizwa**

Amafaranga yose ateganyijwe kwinjizwa mu isanduku y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage yandikwa buri mwaka mu ngengo y'imari yazo.

8° fees from partners;

9° fees from the value of immovable property sold by auction;

10° funds obtained from rent and sale of land of decentralized entities;

11° all other fees and administrative fines that can be collected by decentralized entities according to any other Rwandan law.

**Article 4: Projection of revenue in the budget**

All revenue projections of decentralized entities are included in their annual budget.

8° les frais reçus des partenaires;

9° les frais perçus sur la valeur d'une propriété immobilière vendue aux enchères;

10° les recettes provenant du loyer et de la vente des terres des entités décentralisées;

11° tous les autres impôts et amendes administratives qui peuvent être perçus par les entités décentralisées conformément à toute autre législation rwandaise.

**Article 4: Prévision des recettes dans le budget**

Toutes les prévisions de recettes des entités décentralisées sont incorporées dans leur budget annuel.

**UMUTWE WA II: IMISORO N'AMAHORO BY'INZEGO Z'IMITEGEKERE Y'IGIHUGU ZEGEREJWE ABATURAGE**

**Icyiciro cya mbere: Imisoro yakirwa n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage**

**Ingingo ya 5: Ubwoko bw'imisoro yishyurwa inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage**

Imisoro yishyurwa inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage ni iyi ikurikira:

1° umusoro ku mutungo utimukanwa;

2° umusoro w'ipatanti;

3° umusoro ku nyungu z'ubukode.

**Akiciro ka mbere: Umusoro ku mutungo utimukanwa**

**Ingingo ya 6: Abasoreshwa ku mutungo utimukanwa**

Umusoro ku mutungo utimukanwa ubarwa kandi ugatangwa na nyiri umutungo, nyir'uburagizwe cyangwa undi muntu ufatwa nka nyiri umutungo.

**CHAPTER II: TAXES AND FEES FOR DECENTRALIZED ENTITIES**

**Section One: Taxes levied by decentralized entities**

**Article 5: Types of taxes to be paid to decentralized entities**

Taxes to be paid to decentralized entities are as follows:

1° immovable property tax;

2° trading licence tax;

3° rental income tax.

**Subsection One: Immovable property tax**

**Article 6: Taxpayers of immovable property tax**

The immovable property tax is assessed and paid by the owner, the usufructuary or any other person considered to be the owner.

**CHAPITRE II: TAXES ET IMPÔTS DES ENTITÉS DÉCENTRALISÉES**

**Section première: Taxes perçues par les entités décentralisées**

**Article 5: Sortes de taxes payables aux entités décentralisées**

Les taxes payables aux entités décentralisées sont les suivantes:

1° impôt sur les biens immobiliers;

2° droit de patente;

3° impôt sur le revenu locatif.

**Sous-section première: Impôt sur les biens immobiliers**

**Article 6: Contribuables de l'impôt sur les biens immobiliers**

L'impôt sur les biens immobiliers est évalué et versé par le propriétaire, l'usufruitier ou le propriétaire présumé.

Nyiri umutungo uba mu mahanga ashobora kugira umuhagarariye mu Rwanda. Uwo umuhagarariye agomba kuzuza inshingano yo gutanga umusoro iri tegeko risaba nyiri umutungo. Kudahagararirwa neza bifatwa nk'aho bikozwe na nyir'ubwite.

Inshingano yo gutanga umusoro ku mutungo utimukanwa ntirangirana cyangwa ngo ikererezwe n'uko nyir'umutungo yabuze atagennye umuhagararira cyangwa undi muntu ucunga uwo mutungo utimukanwa mu izina rye.

**<u>Ingingo ya 7</u>: Igihe inshingano ya nyir'uburagizwe yo kwishyura umusoro itangirira**

Inshingano ya nyir'uburagizwe yo kwishyura umusoro itangira ku itariki ubwo buragizwe bwatangiriyeho.

**<u>Ingingo ya 8</u>: Umutungo utimukanwa uhuriweho**

Iyo umutungo utimukanwa uhuriweho na ba nyirawo barenze umwe (1), abo bawuhuriyeho bagena kandi bagaha uburenganzira umwe muri bo cyangwa undi muntu kugira ngo abahagararire bose nk'itsinda ry'abasoreshwa.

The owner who lives abroad can have a proxy in Rwanda. Such a proxy must fulfil the tax liability that this Law requires from the owner. Misrepresentation is considered as if it is done by the owner.

The tax liability on immovable property is not terminated or deferred by the disappearance of an owner of immovable property, or if the owner has disappeared without leaving behind a proxy or other person to manage the immovable property on his or her behalf.

**<u>Article 7</u>: Commencement of the tax liability for the usufructuary**

The tax liability for the usufructuary runs from the date of commencement of the usufruct.

**<u>Article 8</u>: Co-ownership of immovable property**

If immovable property is owned by more than one (1) co-owner, the co-owners appoint and authorize one of them or any other person to represent them collectively as a group of taxpayers.

Le propriétaire qui vit à l'étranger peut désigner un mandataire au Rwanda. Ce mandataire doit remplir l'obligation fiscale que la présente loi impose au propriétaire. Toute défaillance de représentation est réputée être le fait du propriétaire lui-même.

L'obligation fiscale relative au bien immobilier n'est ni levée ni reportée du fait que le propriétaire d'un bien immobilier a disparu sans désigner un mandataire ou une autre personne chargée de gérer ce bien immobilier en son nom.

**<u>Article 7</u>: Début de l'obligation fiscale de l'usufruitier**

L'obligation fiscale de l'usufruitier commence à partir de la date de l'usufruit.

**<u>Article 8</u>: Copropriété d'un bien immobilier**

Lorsqu'un bien immobilier appartient à plus d'un (1) copropriétaire, les copropriétaires désignent et autorisent l'un d'entre eux ou une autre personne pour les représenter collectivement comme un groupe de contribuables.

Iyo abahuriye ku mutungo utimukanwa batagennye umwe muri bo cyangwa intumwa ibahagararira bose nk'itsinda ry'abasoreshwa, inshingano zo kwishyura umusoro zirebana n'uwo mutungo utimukanwa zirangizwa hagendewe ku mategeko agenga umutungo uhuriweho na benshi.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Abantu bafatwa nka ba nyiri umutungo**

Abantu bakurikira bafatwa nka ba nyiri umutungo:

1° utunze umutungo utimukanwa iyo ibyemezo by'umutungo bitaramwandikwaho;

2° umuntu utuye cyangwa ukoresha umutungo utimukanwa mu gihe kigera nibura ku myaka ibiri (2) nkaho ari nyiri umutungo, igihe cyose umwirondoro wa nyiri umutungo wemewe n'amategeko utaramenyekana;

3° intumwa ihagarariye nyiri umutungo uba mu mahanga;

4° nyir'uburagizwe;

If co-owners of immovable property did not appoint a co-owner or a proxy to represent them collectively as a group of taxpayers, the tax obligations related to the immovable property are settled in accordance with laws regulating co-owned property.

**<u>Article 9</u>: Persons considered to be owners of property**

The following persons are considered to be owners of property:

1° the holder of immovable property where the property title deed has not yet been transferred in his/her own name;

2° a person who occupies or who has used the immovable property for a period of at least two (2) years as if he/she is the owner as long as the identity of the legally recognized owner of such property is not known;

3° a proxy who represents an owner of property who lives abroad;

4° a usufructuary;

Lorsque les copropriétaires d'un bien immobilier n'ont pas désigné l'un d'entre eux ou un mandataire pour les représenter collectivement comme un groupe de contribuables, les obligations fiscales relatives à ce bien immobilier sont réglées suivant les lois régissant la copropriété.

**<u>Article 9</u>: Personnes présumées propriétaires d'un bien**

Les personnes suivantes sont présumées propriétaires d'un bien:

1° le détenteur d'un bien immobilier lorsque le titre de propriété n'a pas encore été transféré en son nom propre;

2° une personne qui occupe ou s'occupe d'un bien immobilier pour une période d'au moins deux (2) ans comme si elle en était le propriétaire et aussi longtemps que l'identité du propriétaire légalement reconnu de ce bien n'est pas connue;

3° un mandataire représentant un propriétaire vivant à l'étranger;

4° un usufruitier;

5° ucunga umutungo wasizwe na benewo.

**Ingingo ya 10: Guhindura nyiri umutungo**

Iyo habayeho ihererekanya ry'umutungo utimukanwa ku mpamvu iyo ari yo yose ibayeho hagati mu mwaka w'isoresha, uweguriwe umutungo utimukanwa abarirwa umusoro uhereye igihe ihererekanya ryabereye.

Mu gihe uwahoranye umutungo utimukanwa atujuje inshingano ze nk'umusoreshwa, yishyuzwa ihazabu n'inyungu z'ubukerererwe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

**Ingingo ya 11: Ishingiro ry'umusoro ku mutungo utimukanwa**

Umusoro ku mutungo utimukanwa wakwa hashingiwe ku gaciro ku isoko k'inyubako n'ubuso bw'ikibanza.

Iyo umutungo utimukanwa ugizwe n'ikibanza kitubatsweho, umusoro ku mutungo utimukanwa ubarirwa kuri buri metero kare igize ubuso bw'icyo kibanza.

Iyo umutungo utimukanwa ugizwe n'ikibanza, inyubako n'ibindi bintu

5° an administrator of an abandoned property.

**Article 10: Change of ownership of property**

In case of transfer of ownership of an immovable property for any reason within the tax period, the acquirer of immovable property is liable for tax from the date of the transfer.

If the former owner of the immovable property fails to meet his/her tax obligations, he/she is liable for payment of the fines and late payment interests in accordance with the provisions of this Law.

**Article 11: Immovable property tax base**

The immovable property tax is levied on the market value of a building and surface of a plot of land.

If the immovable property consists of a plot of land that is not built, the tax on immovable property is calculated on each square meter of the whole surface of the plot of land.

Where the immovable property consists of a plot of land, a building and its improvements,

5° un administrateur d'un bien abandonné.

**Article 10: Changement de propriétaire d'un bien**

En cas de transfert de propriété d'un bien immobilier pour n'importe quelle raison au cours d'un même exercice fiscal, l'acquéreur d'un bien immobilier est redevable de l'impôt à partir de la date d'acquisition.

Lorsque la personne qui cède le bien immobilier manque à ses obligations fiscales, elle paie les amendes et intérêts de retard conformément aux dispositions de la présente loi.

**Article 11: Assiette de l'impôt sur les biens immobiliers**

L'impôt sur les biens immobiliers est perçu sur la valeur marchande des bâtiments et la superficie d'une parcelle.

Si le bien immobilier est constitué d'une parcelle non construite, l'impôt sur le bien immobilier est calculé sur chaque mètre carré de toute la superficie de la parcelle.

Lorsque le bien immobilier est constitué d'une parcelle, d'un bâtiment et de ses améliorations,

biyongerera agaciro, umusoro ku mutungo utimukanwa ucibwa ku kibanza ukwacyo mu buryo buteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, na ho umusoro ku nyubako n'ibiyongerera agaciro ugashingirwa ku gaciro kabyo ku isoko.

**Ingingo ya 12: Imitungo itimukanwa isonewe umusoro ku mutungo utimukanwa**

Imitungo itimukanwa ikurikira isonewe umusoro ku mutungo utimukanwa:

1° inyubako imwe nyirayo yageneye guturamo nk'icumbi rye, hamwe n'inyubako ziyunganira mu kibanza cyagenewe guturwamo n'umuryango umwe. Iyo nyubako ikomeza kubarwa nk'icumbi rye n'iyo yaba atayituyemo ku mpamvu zitandukanye;

2° imitungo itimukanwa yahawe ibyiciro by'abantu batishoboye yemejwe n'Inama Njyanama y'Akarere;

3° imitungo itimukanwa ya Leta, iy'Intara, iy'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage ndetse n'ibigo bya Leta, keretse iyo iyo mitungo ikorerwamo ibikorwa bigamije kubyara inyungu cyangwa by'ikodeshagurisha;

the tax on immovable property for a plot of land is calculated separately in accordance with the provisions of Paragraph 2 of this Article, while the tax on the building and its improvements is based on the market value.

**Article 12: Immovable property exempted from immovable property tax**

The following immovable properties are exempted from the immovable property tax:

1° one building whose owner intends for occupancy for dwelling purposes and its annex buildings located in a residential plot for one family. That building remains considered as his/her dwelling even when he/she does not occupy it for various reasons;

2° immovable property determined by the District Council and donated to vulnerable groups;

3° immovable property belonging to the State, Province, decentralized entities as well as public institutions except if they are used for profit-making activities or for leasing;

l'impôt sur le bien immobilier pour une parcelle est calculé séparément conformément aux dispositions de l'alinéa 2 du présent article, alors que l'impôt sur le bâtiment et ses améliorations est perçu sur leur valeur marchande.

**Article 12: Biens immobiliers exonérés d'impôt sur les biens immobiliers**

Les biens immobiliers suivants sont exonérés de l'impôt sur les biens immobiliers:

1° un bâtiment destiné par le propriétaire à être occupé comme son logement ainsi que ses annexes situées dans une parcelle résidentielle pour une famille. Ce bâtiment demeure considéré comme son logement même lorsqu'il ne l'occupe pas pour des raisons différentes;

2° les biens immobiliers déterminés par le Conseil du district et mis à la disposition des groupes vulnérables;

3° les biens immobiliers appartenant à l'État, aux provinces et aux entités décentralisées ainsi qu'aux établissements publics sauf si des activités lucratives ou de crédit-bail y sont exercées;

4° imitungo itimukanwa itunzwe n'ambasade zihagarariye ibihugu by'amahanga mu Rwanda iyo ibyo bihugu bihagarariwe bitaka umusoro ku mutungo utimukanwa w'ambasade z'u Rwanda mu mahanga;

5° ubutaka bukorerwaho ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi iyo bufite ubuso buri munsi ya hegitari ebyiri (2ha);

6° ubutaka bugenewe kubakwaho amazu yo guturamo ariko nta bikorwa remezo by'ibanze byahashyizwe;

Ubusonerwe buvugwa mu gace ka 1° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo bureba kandi buri gice cy'umutungo cy'umuntu ku giti cye mu bice bigize isangiramutungo ku nyubako. Inshingano yo kwishyura umusoro ku bice bihuriweho by'ubutaka buriho isangiramutungo ku nyubako ihuriweho na ba nyir'isangiramutungo.

Icyakora, ibice bihuriweho by'inyubako byo bisonewe umusoro mu buryo busesuye.

4° immovable property belonging to foreign diplomatic missions in Rwanda if their countries do not levy tax on immovable property of Rwanda's diplomatic missions;

5° land used for agricultural and livestock activities which area is equal to or less than two hectares (2ha);

6° land reserved for construction of houses in rural areas but where no basic infrastructure has been erected;

The exemption referred to under item 1º of Paragraph One of this Article equally applies to each individually owned portion of a condominium. All owners in condominium are commonly liable for the tax on commonly owned portions of plots of land on which a condominium is built.

However, commonly owned portions of the building are totally exempted from the tax.

4° les biens immobiliers appartenant aux missions diplomatiques étrangères au Rwanda si leurs pays ne perçoivent pas d'impôt sur les biens immobiliers des ambassades du Rwanda à l'étranger;

5° le terrain utilisé pour les activités agricoles et d'élevage d'une superficie égale ou inférieure à deux hectares (2ha);

6° le terrain réservé pour la construction de maisons dans les zones rurales mais où aucune infrastructure de base n'a été mise en place;

L'exonération visée au point 1º de l'alinéa premier du présent article s'applique également à chaque portion de propriété individuelle de la copropriété immobilière. Les copropriétaires immobiliers sont communément assujettis à l'impôt sur les portions communes de la parcelle sur laquelle la copropriété immobilière est construite.

Cependant, les portions communes du bâtiment sont totalement exonérées d'impôt.

**<u>Ingingo ya 13</u>: Igihe cy'igena ry'agaciro k'imitungo itimukanwa**

Itariki y'igenagaciro ry'imitungo itimukanwa ni iya mbere Mutarama mu mwaka wa mbere w'isoresha.

Agaciro k'imitungo itimukanwa kagenwa buri cyiciro cy'imyaka itanu (5). Kagizwe n'agaciro ku isoko k'inyubako n'ak'ikibanza.

Kugira ngo igenagaciro rikorwa buri myaka itanu (5) rifashe umusoreshwa kugena agaciro ku isoko k'imitungo itimukanwa, ibi bikurikira bigomba kwitabwaho:

1° mu ntangiriro y'icyiciro cy'isuzuma cya kabiri gitangira nyuma y'imyaka itanu (5) na buri gihe cy'igenagaciro gikurikiraho, hakorwa ivugurura rusange ry'agaciro ku isoko;

2° guhindagurika muri rusange kw'agaciro ku isoko k'umutungo utimukanwa hagati y'ibyiciro bibiri (2) by'isuzuma ry'umusoro ntibiba impamvu yo kugena bundi bushya agaciro k'imitungo itimukanwa.

**<u>Article 13</u>: Period of immovable property valuation**

The date of valuation of immovable property is 1st January of the first taxable year.

The value of immovable property is determined for a cyclical period of five (5) years. It includes the market value of the building and the plot of land.

For the five (5) years assessment cycle to enable the taxpayer to assess the market value of the immovable property, the following must be taken into account:

1° in the beginning of the second assessment cycle which commences after five (5) years and in the beginning of every next assessment cycle, a general revision of market value takes place;

2° a global fluctuation of the market value between two (2) general revisions is not a reason for a new assessment of immovable property.

**<u>Article 13</u>: Période de détermination de la valeur de biens immobiliers**

La date d'évaluation des biens immobiliers est le premier janvier de la première année imposable.

La valeur des biens immobiliers est déterminée pour une période cyclique de cinq (5) ans. Elle est composée de la valeur marchande du bâtiment et de la parcelle.

Pour que les cinq (5) années du cycle d'évaluation permettent au contribuable de déterminer la valeur marchande des biens immobiliers, les éléments suivants doivent être pris en considération:

1° au début du deuxième cycle d'évaluation qui commence après cinq (5) ans et au début de chaque cycle suivant d'évaluation, une révision générale de la valeur marchande est effectuée;

2° une fluctuation globale de la valeur marchande entre deux (2) révisions générales ne justifie pas une nouvelle évaluation de biens immobiliers.

Icyakora, umutungo utimukanwa ushobora kongera kugenerwa agaciro icyiciro cy'isuzuma kitararangira bitewe n'ukwiyongera cyangwa kugabanuka kw'agaciro kawo.

**Ingingo ya 14: Uburyo igenagaciro *ry'*imitungo itimukanwa rikorwa**

Mu kugena agaciro ku isoko k'imitungo itimukanwa, hakoreshwa uburyo bukurikira:

1° iyo umutungo utimukanwa wahawe agaciro mu myaka itanu (5) ibanza kandi nta cyahindutse kigaragara mu nyubako no mu biyigize byatuma agaciro k'umutungo utimukanwa kazamuka cyangwa kagabanuka birenze makumyabiri ku ijana (20%), ako gaciro gafatwa nk'agaciro ku isoko. Muri icyo gihe, umusoreshwa agomba gushyikiriza urwego rusoresha icyemezo cy'igenagaciro kugira ngo rugisuzume;

2° iyo umutungo utimukanwa waguzwe mu myaka itanu (5) ibanza ku isoko ryisanzuye kandi nta cyahindutse kigaragara ku nyubako no ku bintu biyigize cyatuma agaciro k'umutungo utimukanwa kiyongera cyangwa

However, the value of immovable property can be reviewed before the end of the assessment cycle due to increase or decrease of its value.

**Article 14: Methodology of valuation of immovable property**

For valuating the market value of the immovable property, the following methodology is applied:

1° if the immovable property was valued within the previous five (5) years and no major changes in the buildings and structures, leading to an increase or decrease of the immovable property value by more than twenty percent (20%), have occurred, this value is regarded as the market value. In this case, the taxpayer must provide the certificate of valuation to the tax administration for verification purposes;

2° if the immovable property was bought within the previous five (5) years in the free market and no major changes in the buildings and structures, leading to an increase or decrease of the immovable property value by more than twenty

Toutefois, une propriété immobilière peut être réévaluée avant la fin du cycle d'évaluation en cas d'augmentation ou de diminution de sa valeur.

**Article 14: Méthodologie d'évaluation des biens immobiliers**

Pour évaluer la valeur marchande des biens immobiliers, la méthodologie suivante est appliquée:

1° si le bien immobilier a été évalué dans les cinq (5) années précédentes et qu'aucun changement important n'a eu lieu dans les bâtiments et leurs structures menant à une augmentation ou diminution de la valeur du bien immobilier de plus de vingt pour cent (20%), cette valeur est considérée comme valeur marchande. Dans ce cas, le contribuable doit soumettre à l'administration fiscale le certificat de l'évaluation pour vérification;

2° si le bien immobilier a été acheté dans les cinq (5) années précédentes sur le marché libre et qu'aucun changement majeur n'a eu lieu dans les constructions et structures sur le bien immobilier menant à une augmentation ou diminution de la valeur

kagabanukaho ibirenze makumyabiri ku ijana (20%), igiciro cy'ubuguzi gifatwa nk'agaciro ku isoko. Icyo gihe, umusoreshwa ashyikiriza urwego rusoresha amasezerano y'ubugure ku mpamvu z'isuzuma;

3° iyo agaciro kagenwe n'umusoreshwa ubwe ku mutungo we gakekwaho kuba munsi y'agakwiriye, urwego rusoresha rukoresha irindi genagaciro. Iyo ikinyuranyo kiri hagati y'agaciro kagenwe n'umusoreshwa n'akagenwe n'urwego rusoresha kirenze makumyabiri ku ijana (20%), agaciro kavuye mu igenagaciro rihinyuza gafatwa nk'agaciro nyakuri kari ku isoko. Bitabaye ibyo, hakoreshwa agaciro kavuye mu igenagaciro ryakozwe n'umusoreshwa ubwe.

Agaciro gasoreshwa kagomba kuzamurwa kakagezwa ku gihumbi (1.000 FRW) gikurikira mu mafaranga y'u Rwanda.

**Ingingo ya 15: Umugenagaciro wemewe**

Igenagaciro ry'imitungo itimukanwa rikorwa n'umugenagaciro wemewe cyangwa rigakorwa hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga mu igenagaciro rya rusange.

percent (20%) have occurred, the purchase price is regarded as the market value. In this case, the taxpayer must provide the acquisition contract for verification purposes to the tax administration;

3° if the taxpayer's self-assessment on value of property is believed to be under valuated, the tax administration will proceed to a counter-valuation. If the value difference between the taxpayer's self-assessment and the tax administration's counter-valuation is more than twenty percent (20%), the value from counter-valuation will be regarded as the final market value. Otherwise, the taxpayer's self-assessment value applies.

The taxable value should be rounded up to the next full one thousand (FRW 1,000) in Rwandan francs.

**Article 15: Certified valuer**

The valuation of immovable property is done either by a certified valuer or by a computerised mass valuation system.

du bien immobilier de plus de vingt pour cent (20%), le prix d'achat est considéré comme valeur marchande. Dans ce cas, le contribuable doit soumettre à l'administration fiscale le contrat d'acquisition pour vérification;

3° s'il est suspecté que l'auto-évaluation effectuée par le contribuable sur le bien est sous-estimée, l'administration fiscale procède à la contre-expertise. Si la différence entre l'auto-évaluation du contribuable et la contre-expertise de l'administration fiscale dépasse vingt pour cent (20%), la valeur de la contre-expertise est considérée comme la valeur finale du marché. Autrement, l'auto-évaluation du contribuable s'applique.

La valeur taxable doit être arrondie au chiffre entier suivant de mille (1.000 FRW) francs rwandais.

**Article 15: Évaluateur agréé**

L'évaluation des biens immobiliers est faite par un évaluateur agréé ou par un système informatisé d'évaluation de masse.

Icyakora, mu gihe cy'igena ry'umusoro ku mitungo itimukanwa rikozwe n'umusoreshwa ubwe, agaciro nyir'inyubako yayiboneyeho n'ikiguzi cy'imirimo yo kubaka bikomeza kwemerwa kugeza igihe umugenagaciro wemewe cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga mu igenagaciro rya rusange bishyiriwe mu bikorwa.

Gukoresha ubu buryo bwombi bw'igenagaciro nta kububangikanya n'ubundi bitangazwa n'Urwego rusoresha.

Ikiguzi cy'igenagaciro rikozwe n'umugenagaciro wemewe cyishyurwa n'uruhande rwarikoresheje.

**<u>Ingingo ya 16</u>: Igipimo cy'umusoro ku nyubako**

Igipimo cy'umusoro ku nyubako gishyizweho ku buryo bukurikira:

1° rimwe ku ijana (1%) by'agaciro ku isoko k'inyubako yagenewe guturwamo;

2° zeru n'ibice bitanu ku ijana (0,5%) by'agaciro ku isoko k'inyubako ku nyubako z'ubucuruzi;

However, for self-assessment of tax on immovable property, the acquisition value and the construction value of a building remain acceptable until valuation by a certified valuer or by computerised mass appraisal system is effective.

The use of these two valuation methods is declared unconditional by the tax administration.

The cost of the valuation by a certified valuer is paid by the party who commissioned it.

**<u>Article 16</u>: Tax rate on buildings**

The tax rate on buildings is determined as follows:

1º one per cent (1%) of the market value of a residential building;

2º zero point five per cent (0.5%) of the market value of the building for commercial buildings;

Toutefois, pour l'auto-évaluation de l'impôt sur les biens immobiliers, la valeur d'acquisition et la valeur de construction des bâtiments sont admises jusqu'à ce que l'évaluation par expert certifié ou par le système informatisé d'évaluation de masse soit effective.

L'utilisation de ces deux méthodes d'évaluation est déclarée inconditionnelle par l'Administration fiscale.

Le coût de l'évaluation effectuée par un évaluateur agréé est payé par la partie qui l'a engagée.

**<u>Article 16</u>: Taux d'imposition applicable aux bâtiments**

Le taux d'imposition applicable aux bâtiments est fixé comme suit:

1° un pour cent (1%) de la valeur marchande du bâtiment résidentiel;

2° zéro virgule cinq pour cent (0,5%) de la valeur marchande du bâtiment pour les bâtiments commerciaux;

3° zeru n'igice kimwe ku ijana (0,1%) by'agaciro ku isoko k'inyubako zagenewe inganda, iz'ibigo by'ubucuruzi bito n'ibiciriritse n'izagenewe ibindi bikorwa bitavuzwe muri iyi ngingo.

**<u>Ingingo ya 17</u>: Ikurikizwa ry'igipimo cy'umusoro ku nyubako**

Uretse igipimo cy'umusoro cya zeru n'igice kimwe ku ijana (0,1%), ibipimo by'umusoro bigenwa n'ingingo ya 16 y'iri tegeko bigenda bizamuka mu buryo bukurikira:

1º ku nyubako zo guturamo, igipimo cy'umusoro kigenda kizamuka mu buryo bukurikira:

a. zeru n'ibice makumyabiri na bitanu ku ijana (0,25%) kuva ku mwaka wa mbere nyuma y'uko iri tegeko ritangiye gukurikizwa;

b. zeru n'ibice mirongo itanu ku ijana (0,50%) kuva ku mwaka wa kabiri nyuma y'uko iri tegeko ritangiye gukurikizwa;

c. zeru n'ibice mirongo irindwi n'itanu ku ijana (0,75%) kuva ku mwaka wa

3º zero point one per cent (0.1%) of the market value of industrial buildings, buildings belonging to small and medium enterprises and those intended for other activities not specified in this Article.

**<u>Article 17</u>: Application of tax rate on buildings**

Except for the tax rate of zero point one per cent (0.1%), the tax rates prescribed by Article 16 of this Law are applied progressively as follows:

1º for residential buildings a progressive rate is applied as follows:

a. zero point twenty-five percent (0.25%) from the first year after the commencement of this Law;

b. zero point fifty percent (0.50%) from the second year after the commencement of this Law;

c. zero point seventy-five percent (0.75%) from the third year after the commencement of this Law;

3º zéro virgule un pour cent (0,1%) de la valeur marchande des bâtiments industriels, de ceux appartenant aux petites et moyennes entreprises et de ceux destinés aux activités non précisées dans le présent article.

**<u>Article 17:</u> Application du taux d'imposition applicable aux bâtiments**

Sauf le taux de zéro virgule un pour cent (0,1%), les taux d'imposition prescrits à l'article 16 de la présente loi sont appliqués progressivement comme suit:

1º pour les bâtiments résidentiels un taux progressif est appliqué de la manière suivante:

a. zéro virgule vingt-cinq pour cent (0,25%) à partir de la première année après l'entrée en vigueur de la présente loi;

b. zéro virgule cinquante pour cent (0,50%) à partir de la seconde année après l'entrée en vigueur de la présente loi;

c. zéro virgule soixante-quinze pour cent (0,75%) à partir de la troisième

gatatu nyuma y'uko iri tegeko ritangiye gukurikizwa;

d. rimwe ku ijana (1%) kuva ku mwaka wa kane nyuma y'uko iri tegeko ritangiye gukurikizwa;

2º ku nyubako z'ubucuruzi, igipimo cy'umusoro kigenda kizamuka mu buryo bukurikira:

a. zeru n'ibice bibiri ku ijana (0.2%) by'agaciro k'inyubako ku isoko gikoreshwa ku mwaka wa mbere nyuma y'uko iri tegeko ritangiye gukurikizwa;

b. zeru n'ibice bitatu ku ijana (0.3%) ku mwaka wa kabiri iri tegeko ritangiye gukurikizwa;

c. zeru n'ibice bine ku ijana (0.4%) ku mwaka wa gatatu iri tegeko ritangiye gukurikizwa;

d. zeru n'ibice bitanu ku ijana (0.5%) ku mwaka wa kane iri tegeko ritangiye gukurikizwa.

d. one percent (1%) from the fourth year after the commencement of this Law;

2º for commercial buildings a progressive rate is applied as follows:

a. zero point two percent (0.2%) of the market value of the building is applied in the first year of the commencement of this Law;

b. zero point three percent (0.3%) during the second year of the commencement of this Law;

c. zero point four per cent (0.4%) during the third year of the commencement of this Law;

d. zero point five percent (0.5%) during the fourth year of the commencement of this Law.

année après l'entrée en vigueur de la présente loi;

d. un pour cent (1%) à partir de la quatrième année après l'entrée en vigueur de la présente loi;

2º pour les bâtiments commerciaux un taux progressif est appliqué de la manière suivante:

a. zéro virgule deux pour cent (0.2%) de la valeur marchande du bâtiment est appliqué au cours de la première année de l'entrée en vigueur de la présente loi;

b. zéro virgule trois pour cent (0.3%) au cours de la seconde année de l'entrée en vigueur de la présente loi;

c. zéro virgule quatre pour cent (0.4%) au cours de la troisième année de l'entrée en vigueur de la présente loi;

d. zéro virgule cinq pour cent (0.5%) au cours de la quatrième année de l'entrée en vigueur de la présente loi.

Inyubako zigeretse zo guturwamo zifite kuva ku magorofa ane, habariwemo n'ari munsi y'ubutaka, zigabanyirizwa ibipimo by'umusoro ku kigero cya mirongo itanu ku ijana (50%) by'igipimo gisanzwe.

**Ingingo ya 18: Igipimo cy'umusoro ku kibanza**

Igipimo cy'umusoro ku kibanza kiri hagati ya zeru (0) n'amafaranga y'u Rwanda magana atatu (300 FRW) kuri metero kare.

Inama Njyanama y'Akarere igena umusoro wishyurwa kuri metero kare y'ubutaka ishingiye ku bipimo fatizo n'ibindi bikurikizwa bigenwa n'iteka rya Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze.

**Ingingo ya 19: Igipimo cy'umusoro utangwa ku butaka burenga ku bipimo fatizo by'ikibanza**

Igipimo cy'umusoro cyagenwe n'Inama Njyanama y'Akarere kuri buri metero kare y'ubutaka hashingiwe ku biteganywa mu ngingo ya 18 y'iri tegeko cyiyongeraho mirongo itanu ku ijana (50%) asorerwa ubutaka burenga ku bipimo fatizo by'ikibanza cyagenewe inyubako.

Residential apartments having a minimum of four floors, including basement floors, benefit from reduction of tax rates, equivalent to fifty percent (50%) of the ordinary rate.

**Article 18: Tax rate on plots of land**

The tax rate on plot of land varies between zero (0) and three hundred Rwandan francs (FRW 300) per square meter.

The District Council determines the tax rate on square meter of plot of land based on criteria and standard rates set by an Order of the Minister in charge of taxes.

**Article 19: Tax rate for land exceeding the standard size of plot of land**

The tax rate determined by the District Council per square meter of land in accordance with the provisions of Article 18 of this Law is increased by fifty percent (50%) applicable to land in excess to standard size of plot of land meant for construction of buildings.

Les appartements résidentiels ayant un minimum de quatre étages, étages en sous-sol inclus, bénéficient de la réduction des taux d'imposition équivalent à cinquante pour cent (50%) du taux ordinaire.

**Article 18: Taux d'imposition applicable aux parcelles**

Le taux d'imposition sur les parcelles varie de zéro (0) à trois cents francs rwandais (300 FRW) par mètre carré.

Le Conseil du district détermine le taux d'imposition par mètre carré de parcelle en se référant aux critères et taux standards déterminés par un arrêté du Ministre ayant les impôts dans ses attributions.

**Article 19: Taux d'imposition applicable à la superficie excédentaire aux mesures standard d'une parcelle**

Le taux d'imposition déterminé par le Conseil du district par mètre carré de terrain conformément aux dispositions de l'article 18 de la présente loi est majoré de cinquante pour cent (50%) applicable à la superficie excédentaire aux mesures standards d'une parcelle destinée à la construction.

Ibipimo fatizo by'ikibanza cyagenewe inyubako bigenwa n'iteka rya Minisitiri ufite imiturire mu nshingano ze.

Igipimo cy'umusoro cy'inyongera kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntikireba ikibanza gitunzwe n'uwakibonye mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa.

**Ingingo ya 20: Igipimo cy'umusoro utangwa ku kibanza kidakoreshwa**

Ikibanza cyose kidakoreshwa gicibwa umusoro w'inyongera w'ijana ku ijana (100%) urenga ku gipimo cy'umusoro kivugwa mu ngingo ya 18 y'iri tegeko.

**Ingingo ya 21: Imenyekanisha ry'umusoro ku mutungo utimukanwa rikorwa n'umusoreshwa**

Bitarenze itariki ya 31 Ukuboza k'umwaka uhwanye n'igihe cya mbere cy'isoresha, umusoreshwa ashyikiriza urwego rusoresha imenyekanisha rye ry'umusoro ku mutungo utimukanwa wagenwe hakurikijwe ibiteganywa n'iteka rya Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze.

The standard size of plot of land meant for construction of buildings are determined by an Order of the Minister in charge of housing.

Additional tax rate as referred to under Paragraph One of this Article does not apply to the plot of land acquired before the commencement of this Law.

**Article 20: Tax rate for undeveloped plot of land**

Any undeveloped plot of land is subject to additional tax of one hundred percent (100%) to the tax rate referred to in Article 18 of this Law.

**Article 21: Tax declaration on immovable property by the taxpayer**

Not later than 31st December of the year that corresponds to the first tax period, the taxpayer files to the tax administration his/her declaration of the immovable property tax determined in accordance with provisions of the Order of the Minister in charge of taxes.

Les mesures standards d'une parcelle destinée à la construction de bâtiments sont déterminées par un arrêté du Ministre ayant l'habitat dans ses attributions.

Le taux d'imposition additionnel visé à l'aliéna premier du présent article ne s'applique pas à la parcelle acquise avant l'entrée en vigueur de la présente loi.

**Article 20: Taux d'imposition applicable à une parcelle non exploitée**

Toute parcelle non exploitée est frappée d'un impôt additionnel de cent pour cent (100%) au taux d'imposition visé à l'article 18 de la présente loi.

**Article 21: Déclaration d'impôt sur le bien immobilier par le contribuable**

Au plus tard le 31 Décembre de l'année qui correspond au premier exercice fiscal, le contribuable doit soumettre à l'administration fiscale sa déclaration de l'impôt déterminé conformément aux dispositions de l'arrêté du Ministre ayant les impôts dans ses attributions.

Imenyekanisha rishya ry'umusoro ku mutungo utimukanwa rikorwa bitarenze itariki ya 31 Ukuboza k'umwaka wa nyuma wa buri cyiciro cy'igenwa ry'umusoro.

**<u>Ingingo ya 22</u>: Imenyekanisha ry'iyongeragaciro n'itakazagaciro**

Iyo habaye impinduka ku mutungo utimukanwa, agaciro k'umutungo kiyongereye cyangwa kagabanutse ku gipimo kiri hejuru ya makumyabiri ku ijana (20%) hagati mu cyiciro cy'isuzuma ry'umusoro, umusoreshwa amenyekanisha mu rwego rusoresha mu gihe cy'ukwezi kumwe (1) impinduka zabayeho n'agaciro k'uwo mutungo utimukanwa.

**<u>Ingingo ya 23</u>: Kongera gusuzuma no kubara umusoro bikorwa n'urwego rusoresha**

Imenyekanisha ry'umusoro ku mutungo utimukanwa ryongera gusuzumwa n'urwego rusoresha mu gihe cy'amezi atandatu (6) atangira kubarwa guhera ku itariki ya mbere Mutarama mu mwaka ukurikira uwo imenyekanisha ry'umusoro ryakorewe.

Iyo imenyekanisha ry'umusoro ku mutungo utimukanwa ryatanzwe bitinze, igihe cy'amezi atandatu (6) gitangira kubarwa

A new declaration of immovable property tax is filed by not later than 31st December of the last year of each tax assessment cycle.

**<u>Article 22</u>: Declaration of appreciation and depreciation**

If, due to changes to immovable property, the value of that property increases or decreases by more than twenty percent (20%) within an assessment cycle, the taxpayer submits within a period of one (1) month, a new tax declaration to the tax administration with all changes thereof and the value of the immovable property.

**<u>Article 23</u>: Review and re-assessment of tax by the tax administration**

Tax Administration reviews the tax declaration on immovable property within a period of six (6) months starting from 1st January of the year following the year for which the tax declaration was made.

If the tax declaration on immovable property was filed late, the six (6) months period starts

Une nouvelle déclaration de l'impôt sur le bien immobilier est faite au plus tard le 31 Décembre de la dernière année de chaque cycle d'évaluation de l'impôt.

**<u>Article 22</u>: Déclaration de la plus-value et de la moins-value**

Si, suite au changement subi par un bien immobilier, sa valeur augmente ou diminue de plus de vingt pour cent (20%) au cours d'un cycle d'évaluation, le contribuable présente, dans une période d'un (1) mois, une nouvelle déclaration de l'impôt à l'administration fiscale avec tous les changements y relatifs ainsi que la valeur du bien immobilier.

**<u>Article 23</u>: Révision et réajustement de l'impôt par l'administration fiscale**

L'Administration fiscale effectue une révision de la déclaration de l'impôt sur le bien immobilier dans un délai de six (6) mois à partir du 1er janvier de l'année qui suit celle pour laquelle la déclaration a été faite.

Si la déclaration sur le bien immobilier a été faite tardivement, la période de six (6) mois

guhera ku itariki urwego rusoresha ruboneyeho iryo menyekanisha.

Kongera gusuzuma imenyekanisha ry'umusoro ku mutungo utimukanwa bishingira ku miterere y'umutungo utimukanwa n'uko uhagaze muri rusange, aho uherereye n'icyo ukoreshwa.

**<u>Ingingo ya 24</u>: Inyandiko igena umusoro**

Inyandiko y'urwego rusoresha igena umusoro yohererezwa uwamenyekanishije umusoro utari wo iba irimo nibura ibi bikurikira:

1° uburyo bwo kubara ishingiro ry'umusoro;

2° imibare igaragaza uburyo agaciro k'umutungo utimukanwa bireba kabazwe;

3° imibarire y'umusoro;

4° amazina ya nyir'ubwite, umuhagarariye cyangwa nyir'uburagizwe;

5° aho nyir'ubwite, umuhagarariye cyangwa nyir'uburagizwe abarizwa;

6° itariki umusoro ugomba gutangirwaho;

from the date on which the tax administration received the declaration.

The review of the tax declaration on immovable property is based on the nature and general state of the immovable property, its location and its actual use.

**<u>Article 24</u>: Tax assessment notice**

The tax assessment notice of the tax administration to be addressed to a failing tax declarant contains at least the following details:

1° tax base calculation outline;

2° calculation of the value of the concerned immovable property;

3° calculation of the tax;

4° names of the owner, his/her proxy or usufructuary;

5° address of the owner, the proxy or the usufructuary;

6° the due date for tax payment;

commence à la date à laquelle l'administration fiscale l'a reçue.

La révision de la déclaration de l'impôt sur le bien immobilier est effectuée sur base de la nature et de l'état général du bien immobilier, de son emplacement et de son utilisation réelle.

**<u>Article 24</u>: Note d'imposition**

La note d'imposition de l'administration fiscale à adresser au déclarant d'impôt défaillant comprend au moins les détails suivants:

1° le schéma de calcul de l'assiette fiscale;

2° le calcul de la valeur du bien immobilier concerné;

3° le calcul de l'impôt;

4° les noms du propriétaire, de son mandataire ou de l'usufruitier;

5° l'adresse du propriétaire, de son mandataire ou de l'usufruitier;

6° la date pour le paiement de l'impôt;

7° uburyo bwo kwishyura;

8° ingaruka yo kutishyura cyangwa gukererwa kwishyura umusoro;

9° kwibutsa uburenganzira bw'umusoreshwa bwo gutakamba no kujurira.

**Ingingo ya 25: Itariki n'igihe by'iyishyurwa ry'umusoro ku mutungo utimukanwa**

Umusoro ku mutungo utimukanwa wishyurwa urwego rusoresha bitarenze itariki ya 31 Ukuboza k'umwaka uhwanye n'igihe cy'isoresha.

Haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 16 n'iya 17 z'iri tegeko, igihe cyose hatarabaho ivugururwa rusange ry'umusoro cyangwa nta nyandiko igena umusoro mushya itanzwe n'urwego rusoresha, umusoro ku mutungo utimukanwa utangwa n'umusoreshwa buri mwaka ukomeza kuba umwe mu bihe by'imyaka itanu (5) by'umusoro bikurikirana.

7° mode of payment;

8° consequences of late payment or non-payment of tax;

9° a reference to the taxpayer's right to complain and appeal.

**Article 25: Time and cycle for payment of tax on immovable property**

The tax on immovable property is paid to the tax administration not later than 31 December of the year that corresponds to the tax period.

Subject to the provisions of Articles 16 and 17 of this Law, as long as there is no general revision of taxes or tax assessment notice issued by the Tax Administration, the same amount of tax on immovable property is paid annually by the taxpayer for five (5) consecutive tax periods.

7° le mode de paiement;

8° les conséquences du paiement tardif ou du non-paiement de l'impôt;

9° une référence au droit de réclamation et de recours du contribuable.

**Article 25: Date et cycle de paiement de l'impôt sur le bien immobilier**

L'impôt sur le bien immobilier est payé à l'administration fiscale au plus tard le 31 Décembre de l'année qui correspond à l'exercice fiscal.

Sous-réserve des dispositions des articles 16 et 17 de la présente loi, tant que la révision générale des impôts n'a pas eu lieu ou qu'une note d'imposition n'a pas été délivrée par l'Administration fiscale, le même montant de l'impôt sur le bien immobilier est payé chaque année par le contribuable pour cinq (5) exercices fiscaux successifs.

**Ingingo ya 26: Igihe cyo kwishyura umusoro w'inyongera**

Umusoro w'inyongera ugaragajwe mu nyandiko igena umusoro itanzwe n'urwego rusoresha utangwa mu gihe cy'ukwezi kumwe (1) uhereye ku munsi umusoreshwa aherewe inyandiko igena umusoro.

**Ingingo ya 27: Isoreshwa ry'umusoreshwa waburiwe irengero**

Iyo nyiri umutungo yaburiwe irengero kandi akaba yaragiye adasize umuhagararira, inyandiko zimusaba gutanga umusoro ku mutungo utimukanwa zinyuzwa mu iposita n'ubundi buryo bwose bw'itumanaho bw'ikoranabuhanga, zikanoherezwa aho yari asanzwe abarizwa kandi zikamanikwa nibura mu gihe cy'amezi atatu (3) ku biro by'ubuyobozi bw'Akarere, Umurenge n'Akagari umutungo we ubarizwamo.

**Ingingo ya 28: Ihame ry'uko umusoro ubanza ukishyurwa**

Kunenga cyangwa kujuririra uburyo umusoro wabazwe ntibivanaho inshingano y'umusoreshwa yo kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa wabazwe. Icyo gihe umusoro wabazwe wose utangwa mu gihe cyagenwe n'inyandiko igena umusoro.

**Article 26: Period of additional tax payment**

Additional tax resulting from a tax assessment notice of the tax administration is paid within one (1) month from the day the tax assessment notice is issued to the taxpayer.

**Article 27: Tax collection from a disappeared taxpayer**

When the owner of immovable property has disappeared without appointing a proxy, tax collection documents on immovable property are sent through the post office and such other channel of information technology as well as to his/her ordinary address and are posted for a period of at least three (3) months at administrative offices of the District, Sector and Cell where the immovable property is located.

**Article 28: Prior tax payment privilege**

The objection or appeal against the assessed tax do not relieve the taxpayer of his/her obligation to pay the assessed immovable property tax. In that case the total amount of assessed tax is paid within the time limit determined by the assessment notice.

**rticle 26: Délai de paiement de l'impôt additionnel**

L'impôt additionnel résultant de la note d'imposition de l'administration fiscale est payé dans un (1) mois à partir du jour où la note d'imposition est délivrée au contribuable.

**Article 27: Imposition d'un contribuable disparu**

Lorsque le propriétaire d'un bien immeuble a disparu sans avoir désigné un mandataire, les documents de perception de l'impôt sur le bien immobilier sont envoyés par poste et par tout autre moyen de technologie de l'information ainsi qu'à son adresse ordinaire et affichés pendant une période d'au moins trois (3) mois aux bureaux du District, du Secteur et de la Cellule où se trouve le bien immobilier concerné.

**Article 28: Privilège fiscal du préalable**

L'objection ou le recours contre l'impôt calculé ne dispense pas le contribuable de son obligation de payer l'impôt sur les biens immobiliers calculé. Dans ce cas la totalité de l'impôt calculé est payée dans le délai prévu par la note d'imposition.

**<u>Ingingo ya 29</u>: Gusaba kongererwa igihe cyo kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa no guhabwa igisubizo**

Umusoreshwa wifuza kongererwa igihe cyo kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa agomba kwandikira urwego rusoresha nibura hasigaye iminsi mirongo itandatu (60) ngo itariki ntarengwa yo kwishyura umusoro igere.

Nyuma y'uko urwego rusoresha rwakiriye ibaruwa isaba kongererwa igihe cyo kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa, rugomba kuba rwatanze igisubizo nibura hasigaye iminsi mirongo itatu (30) ngo itariki ntarengwa yo kwishyura umusoro igere.

Iyo habaye igenwa ry'umusoro mushya, umusoreshwa wifuza kongererwa igihe cyo kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa, agomba kwandika abisaba mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) kubarwa uhereye igihe aboneye inyandiko igena umusoro. Muri icyo gihe, urwego rusoresha rugomba kuba rwatanze igisubizo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ibarwa uhereye igihe rwaboneye ibaruwa isaba.

Iyo urwego rusoresha rutemeye kongera igihe cyo kwishyura umusoro ku mutungo

**<u>Article 29</u>: Request and response to the request of referral of tax payment of immovable property**

The taxpayer wishing to request a deferral of immovable property tax payment makes a written application to tax administration at least sixty (60) days before the due date.

After the reception of the request of a deferral of immovable property tax payment, the tax administration responds to the request of the taxpayer at least thirty (30) days before the due date.

In case of introduction of a new tax, the taxpayer wishing to request a deferral of immovable property tax payment makes a written application not later than one (1) month from the date of reception of the notification of imposition of the new tax. In that case, the tax administration responds to the request of the taxpayer at least thirty (30) days from the date of reception of the application.

Where the tax administration turns down the request of a deferral of immovable property

**<u>Article 29</u>: Demande et suite à la demande du report de paiement d'impôt sur le bien immobilier**

Le contribuable qui désire le report de paiement de l'impôt sur les biens immobiliers en fait la demande auprès de l'administration fiscale au moins soixante (60) jours avant la date d'exigibilité de l'impôt.

Après la réception de la demande du report de paiement de l'impôt sur les biens immobiliers, l'administration fiscale donne suite à la demande du contribuable au moins trente (30) jours avant la date d'exigibilité.

En cas d'imposition d'un nouvel impôt, le contribuable qui désire le report de paiement de l'impôt sur les biens immobiliers en fait la demande dans un délai ne dépassant pas un mois (1) à compter de la date de réception de l'avis notifiant le nouvel impôt. Dans ce cas, l'administration fiscale donne suite à la demande du contribuable au moins trente (30) jours à compter de la date de réception de la demande.

Lorsque l'administration fiscale rejette le report de paiement de l'impôt sur les biens

utimukanwa cyasabwe hakurikijwe ibivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, igihe cyo kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa cyagenwe n'inyandiko igena umusoro gikomeza kwitabwaho.

Iyo urwego rusoresha rudatanze igisubizo mu bihe bivugwa mu gika cya 2 n'icya 3 by'iyi ngingo, icyasabwe gifatwa nk'aho cyemewe.

**Ingingo ya 30: Kongera igihe cyo kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa**

Iyo umusoreshwa adafite ubushobozi by'igihe gito bwo kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa mu gihe cyagenwe, biturutse ku mpamvu zihariye, urwego rusoresha, rubisabwe n'umusoreshwa cyangwa n'umuhagarariye mu buryo bukurikije amategeko, rushobora kongera igihe cyo kwishyura umusoro, kugera ku mezi atandatu (6) kandi nta hazabu yiyongereyeho. Icyo gihe, inyungu itangwa nk'uko biteganywa n'iri tegeko.

Umusoreshwa wongerewe igihe cyo kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa, abisabye mu nyandiko, ashobora kwemererwa kwishyura umusoro mu byiciro bitarenze bitandatu (6).

tax payment applied for in accordance with the provisions of the Paragraph 3 of this Article, the time limit set for the payment of tax on immovable property continues to run as indicated in the notification of imposition.

If the tax administration does not respond within the time referred to in Paragraphs 2 and 3 of this Article, the request is deemed accepted.

**Article 30: Deferral of tax payment on immovable property**

In case the taxpayer is temporarily unable to pay the immovable property tax within the time limit, due to special circumstances, the tax administration can, upon request by the taxpayer or his/her proxy, grant a deferral of payment of tax for up to six (6) months without any fine. In this case, interest is paid as provided for by this Law.

The taxpayer who is granted a deferral of payment of tax on immovable property can, upon written request, be allowed to pay in maximum six (6) instalments.

immobiliers demandé conformément aux dispositions de l'alinéa 3 du présent article, les délais de paiement de l'impôt sur les biens immobiliers indique dans l'avis d'imposition restent valables.

Si l'administration fiscale ne réagit pas dans le délai visé aux alinéas 2 et 3 du présent article, la demande est réputée acceptée.

**Article 30: Report du paiement de l'impôt sur le bien immobilier**

Lorsque, suite à des circonstances exceptionnelles, le contribuable est temporairement incapable de payer l'impôt sur les biens immobiliers dans le délai, l'administration fiscale peut, à la demande du contribuable ou de son mandataire, accorder un report de paiement d'impôt pouvant aller jusqu'à six (6) mois sans aucune amende. Dans ce cas, l'intérêt est payé tel que prévu par la présente loi.

Le contribuable dont le report de paiement de l'impôt sur les biens immobiliers est accordé, peut, sur demande écrite, être autorisé à payer en six (6) tranches au maximum.

**<u>Ingingo ya 31</u>: Kuvanirwaho umusoro ku mutungo utimukanwa**

Inama Njyanama y'Akarere bireba ntishobora kuvanaho umusoro ku mutungo utimukanwa uretse mu bihe bikurikira:

1° umusoreshwa atanze inyandiko y'ibarura ry'umutungo we igaragaza ko yazahajwe n'imyenda ku buryo kugurisha umutungo asigaranye mu cyamunara ntacyo byatanga;

2° umusoreshwa agaragaje ko adafite ubushobozi bwo kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa.

Usaba kuvanirwaho umusoro ku mutungo utimukanwa yandikira urwego rusoresha. Iyo urwo rwego rusanze icyifuzo cy'umusoreshwa gifite ishingiro, rukorera raporo urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage bireba, narwo rukayishyikiriza Inama Njyanama y'Akarere kugira ngo ibifateho icyemezo.

Gusiba umusoro ku mutungo utimukanwa ntibikorwa ku musoreshwa wagaragaweho kunyereza imisoro.

**<u>Article 31</u>: Waiver of tax liability**

The concerned District Council can only waive the due immovable property tax in the following cases:

1° the taxpayer has provided a written statement of an inventory of his property justifying that he/she is totally indebted so as a public auction of his/her remaining property would yield no result;

2° the taxpayer proves that he/she is not able to pay immovable property tax.

The taxpayer applying for waiver of immovable property tax liability must write to the tax administration. When the request is found valid, the tax administration makes a report to the executive committee of the competent decentralized entity which also submits it to the District Council for decision.

The waiver of immovable property tax liability cannot be granted to a taxpayer who understated or evaded taxes.

**<u>Article 31</u>: Dispense de paiement d'impôt**

Le Conseil du district concerné ne peut dispenser du paiement de l'impôt dû sur les biens immobiliers que dans les cas suivants:

1° le contribuable a fourni un rapport écrit sur l'inventaire de ses biens justifiant qu'il est complétement endetté à tel enseigne qu'une vente aux enchères de ses biens restants ne peut donner de résultat;

2° le contribuable prouve qu'il n'est pas à mesure de payer l'impôt sur le bien immobilier.

Le contribuable qui demande la dispense de paiement de l'impôt sur les biens immobiliers doit écrire à l'administration fiscale. Lorsque la demande est jugée fondée, l'Administration fiscale fait un rapport au comité exécutif de l'entité décentralisée compétente qui à son tour soumet ce rapport au Conseil du district pour décision.

La dispense de paiement de l'impôt sur les biens immobiliers ne peut pas être accordée à un contribuable ayant sous-estimé ou évadé les impôts.

**<u>Akiciro ka 2</u>: Umusoro w'ipatanti**

**<u>Ingingo ya 32</u>: Ufite inshingano yo kwishyura umusoro w'ipatanti**

Umusoro w'ipatanti utangwa n'umuntu wese buri hantu atangije igikorwa cy'ubucuruzi mu Karere.

**<u>Ingingo ya 33</u>: Igihe cy'umusoro w'ipatanti**

Igihe cy'umusoro w'ipatanti gitangira ku itariki ya mbere Mutarama kikarangira ku itariki ya 31 Ukuboza.

Iyo ibikorwa by'ubucuruzi bisoreshwa bitangiye nyuma y'ukwezi kwa Mutarama, umusoreshwa atanga umusoro w'ipatanti ungana n'amezi y'umwaka asigaye kugira ngo umwaka urangire, habariwemo n'ukwezi ibikorwa byatangiyemo.

Ku basoreshwa bakora ibikorwa by'ubucuruzi bidahoraho cyangwa by'ingarukagihe, umusoro w'ipatanti utangwa ku mwaka wose kabone n'iyo ibikorwa by'ubucuruzi bisoreshwa byaba bidakorwa mu mwaka wose.

**<u>Subsection 2</u>: Trading licence tax**

**<u>Article 32</u>: Person liable for the trading licence tax**

The trading licence tax is paid by any person for each place in which he/she opens a business activity within a District.

**<u>Article 33</u>: Tax period for the trading licence tax**

The tax period for the trading licence tax starts on January 1$^{st}$ and end on December 31$^{st}$.

If taxable trading activities start after January, the taxpayer pays trading licence tax equivalent to the remaining months of the year including the one in which the activities started.

For the taxpayers conducting seasonal or periodic trading activities, the trading licence tax is paid for a whole year, even though the taxable trading activities do not occur throughout the whole year.

**<u>Sous-section 2</u>: Droit de patente**

**<u>Article 32</u>: Personne redevable du droit de patente**

Le droit de patente est payé par toute personne pour chaque emplacement où elle entreprend une activité commerciale dans un District.

**<u>Article 33</u>: Exercice fiscal pour le droit de patente**

L'exercice fiscal pour le droit de patente commence le 1er janvier et se termine le 31 décembre.

Si les activités de caractère commerciales taxables commencent après le mois de janvier, le contribuable paie le droit de patente équivalent aux mois de l'année qui restent y compris le mois au cours duquel les activités ont commencé.

Pour les contribuables exerçant des activités commerciales saisonnières ou périodiques, le droit de patente est payé pour toute l'année, même si les activités commerciales taxables ne sont pas exercées pendant toute l'année.

**Ingingo ya 34: Igipimo cy'umusoro w'ipatanti**

Umusoro w'ipatanti ubarwa hashingiwe ku mbonerahamwe ziri ku mugereka w'iri tegeko.

Abasoreshwa bacuruza ibintu cyangwa serivisi zisonewe umusoro ku nyongeragaciro ariko agaciro k'ibyacurujwe kakaba karuta cyangwa kangana na miliyoni makumyabiri z'amafaranga y'u Rwanda (20.000.000 FRW) bishyura umusoro w'ipatanti ku buryo bumwe n'abasoreshwa biyandikishije ku musoro ku nyongeragaciro.

Amafaranga ashingirwaho mu kubara umusoro w'ipatanti mu mbonerahamwe ya I y'umugereka w'iri tegeko ni umubare w'amafaranga yose yacurujwe mu mwaka uheruka.

Inama Njyanama y'Akarere igena buri mwaka ahafatwa nk'icyaro cyangwa nk'umujyi ikanagena imirimo iciriritse.

**Article 34: Trading licence tax rate**

The trading licence tax is calculated on the basis of tables annexed to this Law.

Taxpayers who sell goods or services exempted from value added tax but whose turnover is equal or greater than twenty million Rwandan francs (FRW 20,000,000) pay the trading licence tax in the same manner as taxpayers registered for value added tax.

The basis for the calculation of trading licence tax in table I of the annex of this Law is the turnover of the previous year.

The District Council determines annually the rural or urban areas and small scale activities.

**Article 34: Taux d'imposition du droit de patente**

Le droit de patente est calculé sur base des tableaux en annexe de la présente loi.

Les contribuables qui vendent des biens ou des services exonérés de la taxe sur la valeur ajoutée mais dont le chiffre d'affaires est supérieur ou égal à vingt millions de francs rwandais (20.000.000 FRW) paient le droit de patente de la même manière que les contribuables enregistrés pour la taxe sur la valeur ajoutée.

La base de calcul du droit de patente dans le tableau I de l'annexe de la présente loi est le chiffre d'affaires pour l'année précédente.

Le Conseil du district détermine chaque année les zones considérées comme rurales ou urbaines et les activités à petit revenu.

**Ingingo ya 35: Itariki yo kumenyekanisha umusoro w'ipatanti**

Umusoreshwa wese ageza imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti ku rwego rusoresha bitarenze itariki ya 31 Mutarama y'umwaka uhwanye n'igihe cy'isoresha.

**Ingingo ya 36: Ibishyirwa mu imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti**

Imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti ritanga amakuru arambuye yerekeye ibikorwa by'ubucuruzi bisoreshwa harimo n'umusoro ugomba gutangwa umusoreshwa yibariye ubwe.

Imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti rigomba gushyirwaho umukono n'umusoreshwa cyangwa umuhagarariye mu buryo bwemewe n'amategeko.

**Ingingo ya 37: Imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti ku bikorwa by'icyicaro gikuru n'iby'amashami**

Iyo umusoreshwa afite n'amashami akoreramo, imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti rikorerwa icyicaro gikuru na buri shami ry'ibikorwa bye by'ubucuruzi hashingiwe ku gicuruzo cy'umwaka uheruka cy'icyicaro gikuru n'icya buri shami.

**Article 35: Date of trading licence tax declaration**

Any taxpayer files a tax declaration to the tax administration not later than 31st January of the year that corresponds to the tax period.

**Article 36: Contents of a trading licence tax declaration**

The trading licence tax declaration shows details of the taxable business activities including the tax due assessed by a taxpayer himself.

The trading licence tax declaration is signed by the taxpayer or his/her legally authorized representative.

**Article 37: Trading licence tax declaration for the head office and operating branches**

If a taxpayer has branches, a trading licence tax declaration is required for the head office as well as for each branch of his/her business activities basing on the turnover of the previous year for the head office and for each branch.

**Article 35: Date de déclaration du droit de patente**

Tout contribuable dépose une déclaration du droit de patente à l'administration fiscale au plus tard le 31 janvier de l'année qui correspond à l'exercice fiscal.

**Article 36: Contenu d'une déclaration du droit de patente**

La déclaration du droit de patente donne les détails des activités commerciales taxables y compris l'impôt dû calculé par le contribuable lui-même.

La déclaration du droit de patente est signée par le contribuable ou son représentant légalement autorisé.

**Article 37: Déclaration du droit de patente pour le siège social et les branches d'activités**

Si un contribuable possède des branches, une déclaration du droit de patente est exigée pour le siège social ainsi que pour chaque branche de ses activités commerciales sur base du chiffre d'affaires de l'année précédente pour le siège et pour chaque branche.

Iyo hari ishami ridafite igicuruzo cyangwa ridashobora kugaragaza igicuruzo cyaryo, umusoro w'ipatanti umenyekanishwa hashingiwe ku gicuruzo cy'icyicaro gikuru.

**Ingingo ya 38: Imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti hakurikijwe umubare w'inyubako zikorerwamo ibikorwa by'ubucuruzi**

Iyo umusoreshwa akorera ibikorwa by'ubucuruzi bitandukanye mu nyubako zitandukanye, buri gikorwa cy'ubucuruzi gikorerwa imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti.

Iyo ubucuruzi bumwe bugizwe n'ibikorwa byinshi bikorwa n'umuntu mu nyubako imwe, hakenerwa icyemezo kimwe kigaragaza ko umusoro w'ipatanti wishyuwe, hagakorwa n'imenyekanisha ry'umusoro rimwe kuri ibyo bikorwa byose by'ubucuruzi.

**Ingingo ya 39: Imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti w'ibikorerwa mu Turere turenze kamwe**

Iyo ubucuruzi bukorerwa ku butaka bwambukiranya imbibi z'Akarere, umusoreshwa amenyekanisha umusoro w'ipatanti muri buri Karere akoreramo.

In case a branch does not have or cannot determine its turnover, the trading licence tax is declared based on the turnover of the head office.

**Article 38: Trading licence tax declaration basing on the number of business activity buildings**

If a taxpayer carries out different business activities in different buildings, he/she files a trading licence tax declaration for each business activity.

When a business is made of several activities carried out by the same person in the same building, only one trading licence tax certificate is required and only one tax declaration for all business activities is filed.

**Article 39: Trading licence tax declaration for business in more than one District**

In case a business is spread across more than one District, the taxpayer files his/her declaration of trade licence tax in each District where he/she operates.

Si une branche n'a pas ou ne peut pas déterminer son chiffre d'affaires, le droit de patente est déclaré sur base du chiffre d'affaires du siège.

**Article 38: Déclaration du droit de patente selon le nombre des bâtiments d'activités commerciales**

Lorsque le contribuable exploite différentes activités commerciales dans différents bâtiments, il est tenu de déposer une déclaration du droit de patente pour chaque activité commerciale.

Lorsque le commerce consiste en plusieurs activités exercées par une même personne dans un même bâtiment, une seule vignette du droit de patente est requise et une seule déclaration est déposée pour toutes les activités commerciales.

**Article 39: Déclaration du droit de patente pour activités à cheval sur plus d'un District**

Lorsqu'une activité commerciale est exercée sur un terrain à cheval sur plus d'un District, le contribuable dépose sa déclaration du droit de

patente dans chaque District où il exerce ses activités commerciales.

**<u>Ingingo ya 40:</u> Kwishyura umusoro w'ipatanti**

Umusoro w'ipatanti wabazwe n'umusoreshwa ubwe ushyikirizwa urwego rusoresha bitarenze ku itariki ya 31 Mutarama y'umwaka w'isoresha.

Iyo umusoro w'ipatanti udatanzwe ku itariki ugomba gutangirwaho, umusoreshwa ntiyemererwa gutangira cyangwa gukomeza ibikorwa bye by'ubucuruzi atabanje kwishyura.

Ibikorwa by'ubucuruzi bitangiye mu gihe umusoreshwa afite ibirarane by'umusoro w'ipatanti atarishyura, biba binyuranyije n'amategeko. Urwego rusoresha rufite ububasha bwo kubihagarika.

**<u>Ingingo ya 41</u>: Isonerwa ry'umusoro w'ipatanti**

Inzego za Leta zidakora ibikorwa by'ubucuruzi, kimwe n'ibigo by'ubucuruzi bito n'ibiciriritse mu myaka ibiri (2) ya mbere ikurikira ishingwa ryabyo, bisonewe umusoro w'ipatanti.

**<u>Article 40</u>: Trading licence tax payment**

The trading licence tax assessed by a taxpayer himself/herself is paid to the tax administration not later than 31st January of the tax year.

If the trading licence tax is not paid by the due date, the taxpayer is not allowed to start or to continue his/her business activities without having paid such tax.

Business activities undertaken while the taxpayer is in arrears with the payment of his/her trading licence tax are illegal. The tax administration has the power to stop such activities.

**<u>Article 41</u>: Trading licence tax exemption**

Non-commercial State organs, as well as small and medium enterprises during the first two (2) years following their establishment, are exempted from trading licence tax.

**<u>Article 40</u>: Paiement du droit de patente**

Le droit de patente calculé par le contribuable lui-même est payé à l'administration fiscale au plus tard le 31 janvier de l'année d'imposition.

Si le droit de patente n'est pas payé à l'échéance, le contribuable n'est pas autorisé à commencer ou continuer à exercer ses activités commerciales avant le paiement de ce droit.

Les activités commerciales entreprises alors que le contribuable a des arriérés de paiement du droit de patente sont illégales. L'administration fiscale a le pouvoir d'arrêter ces activités.

**<u>Article 41</u>: Exonération du droit de patente**

Les organes de l'État à caractère non-commercial, ainsi que les petites et moyennes entreprises au cours des deux (2) premières années suivant leur établissement, sont exonérés du droit de patente.

**Ingingo ya 42: Itangwa ry'icyemezo cy'umusoro w'ipatanti**

Nyuma yo gusuzuma imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti n'inyandiko zishyuriweho uwo musoro, urwego rusoresha rutanga icyemezo kigaragaza ko umusoro w'ipatanti w'umwaka w'isoresha uvugwa muri icyo cyemezo watanzwe n'umusoreshwa.

**Ingingo ya 43: Kumanika icyemezo cy'umusoro w'ipatanti**

Icyemezo cy'umusoro w'ipatanti kimanikwa ahantu hagaragara ku muryango w'inzu ibikorwa by'ubucuruzi bikorerwamo cyangwa kikomekwa ku modoka, ku bwato cyangwa ku kindi kinyabiziga umusoro watangiwe.

**Ingingo ya 44: Kwerekana icyemezo cy'umusoro w'ipatanti**

Igihe cyose bibaye ngombwa, uwahawe icyemezo cy'umusoro w'ipatanti agomba kukigaragariza urwego rusoresha hamwe n'ibyangombwa bimuranga cyangwa biranga ibikorwa by'ubucuruzi.

Kuterekana icyemezo cy'umusoro w'ipatanti bihanishwa ihazabu yo mu rwego

**Article 42: Issuing a trading licence tax certificate**

After consideration of the trading licence tax declaration and proof of payment of such tax, the tax administration issues a trading licence tax certificate showing that the trading licence tax for the tax year specified on the certificate has been paid by the taxpayer.

**Article 43: Posting of the trading licence tax certificate**

The trading licence tax certificate is displayed clearly at the entrance of the business premises or affixed to the car, boat or any other vehicle for which the tax was paid.

**Article 44: Presentation of the trading licence tax certificate**

Whenever necessary, the holder of a trading licence tax certificate presents such a certificate with documents identifying him/her or his/her business activities to the tax administration.

Failure to present the trading licence tax certificate is punishable by an administrative

**Article 42: Délivrance de la vignette du droit de patente**

Après examen de la déclaration du droit de patente et des documents attestant le paiement de ce droit, l'administration fiscale délivre une vignette attestant que le contribuable a payé le droit de patente pour l'année d'imposition indiquée sur la vignette.

**Article 43: Affichage de la vignette du droit de patente**

La vignette du droit de patente est affichée visiblement à l'entrée des locaux commerciaux ou collée au véhicule, au bateau ou sur tout autre véhicule pour lequel le droit a été payé.

**Article 44: Présentation de la vignette du droit de patente**

Toutes les fois qu'il s'avère nécessaire, le titulaire d'une vignette du droit de patente présente à l'administration fiscale la vignette avec les pièces de son identification ou d'identification de ses activités commerciales.

Le fait de ne pas présenter la vignette du droit de patente est passible d'une amende

rw'ubutegetsi y'ibihumbi cumi by'amafaranga y'u Rwanda (10.000 FRW). Gucibwa ihazabu ntacyo bihindura ku nshingano y'umusoreshwa yo gutanga umusoro w'ipatanti.

**Ingingo ya 45: Isimburwa ry'icyemezo cy'umusoro w'ipatanti**

Iyo icyemezo cy'umusoro w'ipatanti gitakaye cyangwa cyangiritse, urwego rusoresha rutanga dupulikata yacyo, nyir'ubwite akayishyura amafaranga ibihumbi bitanu (5.000 FRW).

**Ingingo ya 46: Isubizwa ry'umusoro w'ipatanti**

Iyo umusoreshwa ahagaritse cyangwa ahinduye ibikorwa bye by'ubucuruzi hagati mu mwaka usoreshwa, asubizwa, nyuma y'igenzura, umusoro w'ipatanti yatanze hakurikijwe amezi asigaye kugera ku itariki ya 31 Ukuboza kw'igihe cy'umusoro.

fine of ten thousand Rwandan francs (FRW 10,000). The taxpayer's obligation to pay the trading licence tax is not affected by the imposition of a fine.

**Article 45: Replacement of the trading licence tax certificate**

If a trading licence tax certificate is lost or damaged, a duplicate is issued by the tax administration for a fee equivalent to five thousand Rwandan francs (FRW 5,000).

**Article 46: Refunding of trading licence tax**

In case the taxpayer terminates or changes his/her business activities during a tax year, he/she is, after an audit, refunded the paid trading licence tax depending on the remaining months until 31$^{st}$ December of that tax period.

administrative de dix mille francs rwandais (10.000 FRW). L'obligation du contribuable de payer le droit de patente n'est pas affectée par l'imposition d'une amende.

**Article 45: Remplacement de la vignette du droit de patente**

Si la vignette du droit de patente est perdue ou endommagée, l'administration fiscale en délivre un duplicata moyennant le paiement de cinq mille francs rwandais (5.000 FRW).

**Article 46: Remboursement du droit de patente payé**

Au cas où le contribuable met fin à ses activités commerciales ou les change au cours de l'année d'imposition, il doit, après audit, être remboursé de la somme payée pour le droit de patente, au prorata du nombre de mois restants jusqu'au 31 décembre de cet exercice fiscal.

**Akiciro ka 3: Umusoro ku nyungu z'ubukode**

**Ingingo ya 47: Ishingiro ry'umusoro ku nyungu z'ubukode**

Umusoro ku nyungu z'ubukode wakwa ku nyungu umuntu ku giti cye cyangwa undi muntu wese utishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete abona iturutse ku bukode bw'umutungo utimukanwa uri mu Rwanda.

**Ingingo ya 48: Inyungu z'ubukode zisoreshwa**

Umusoro ku nyungu z'ubukode ucibwa kuri ibi bikurikira:

1° inyungu ikomoka ku mazu akodeshwa yose cyangwa akodeshwa igice;

2° inyungu ikomoka ku bikorwa byongerewe ku nzu bikodeshwa byose cyangwa hakodeshwa igice cyabyo;

3° inyungu ikomoka ku bukode bw'undi mutungo utimukanwa uwo ari wo wose uri mu Rwanda.

**Subsection 3: Rental income tax**

**Article 47: Rental income tax base**

The rental income tax is charged on income generated by an individual or any other person who is not subject to corporate tax from a rented immovable property located in Rwanda.

**Article 48: Taxable rental income**

Rental income tax is charged to the following:

1° income from rented buildings in whole or in part;

2° income from rented improvements in whole or in part;

3° income from any other rented immovable property located in Rwanda.

**Sous-section 3: Impôt sur le revenu locatif**

**Article 47: Assiette de l'impôt sur le revenu locatif**

L'impôt sur le revenu locatif est perçu sur le revenu d'une personne physique ou de toute autre personne non soumise à l'imposition des sociétés provenant du loyer d'un bien immobilier se trouvant au Rwanda.

**Article 48: Revenu locatif imposable**

L'impôt sur le revenu locatif est perçu sur ce qui suit:

1° le revenu provenant de la location des immeubles en totalité ou en partie;

2° le revenu provenant de la location des améliorations en partie ou en totalité;

3° le revenu provenant de la location de tout autre bien immobilier se trouvant au Rwanda.

**Ingingo ya 49: Amasezerano y'ubukode**

Amasezerano y'ubukode yerekeye umutungo utimukanwa, agomba gukorwa mu nyandiko kandi ariho umukono w'impande zombi. Kopi y'ayo masezerano y'ubukode igomba gushyikirizwa urwego rusoresha mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'itariki amasezerano yashyiriweho umukono.

**Ingingo ya 50: Igipimo cy'umusoro ku nyungu z'ubukode**

Igipimo cy'umusoro ku nyungu z'ubukode kigenwe ku buryo bukurikira:

1° zero ku ijana (0%) ku nyungu z'ubukode ku mwaka ziri hagati y'ifaranga rimwe ry'u Rwanda (1 FRW) n'amafaranga ibihumbi ijana na mirongo inani y'u Rwanda (180.000 FRW);

2° makumyabiri ku ijana (20%) ku nyungu z'ubukode ku mwaka ziri hagati y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana na mirongo inani n'ifaranga rimwe (180.001 FRW) n'amafaranga miliyoni imwe y'u Rwanda (1.000.000 FRW);

**Article 49: Rental contract**

The rental contract in respect of immovable property is in writing and signed by the contracting parties. A copy of this contract is submitted to the tax administration within fifteen (15) days following the date the contract was signed.

**Article 50: Rental income tax rate**

The rental income tax rate is determined as follows:

1° zero percent (0 %) for an annual rental income from one Rwandan franc (FRW 1) to one hundred eighty thousand Rwandan francs (FRW 180,000);

2° twenty percent (20 %) for an annual rental income from one hundred eighty thousand and one Rwandan francs (FRW 180,001) to one million Rwandan francs (FRW 1,000,000);

**Article 49: Contrat de location**

Le contrat de location portant sur un bien immobilier est fait par écrit et signé par les parties contractantes. Une copie de ce contrat est réservée à l'administration fiscale endéans quinze (15) jours après la date de signature du contrat.

**Article 50: Taux d'imposition du revenu locatif**

Le taux de l'impôt sur le revenu locatif est déterminé comme suit:

1° zéro pour cent (0 %) pour un revenu locatif annuel de un franc rwandais (1 FRW) à cent-quatre-vingt mille francs rwandais (180.000 FRW);

2° vingt pour cent (20 %) pour un revenu locatif annuel de cent-quatre-vingt mille et un francs rwandais (180.001 FRW) à un million de francs rwandais (1.000.000 FRW);

3° mirongo itatu ku ijana (30%) ku nyungu z'ubukode ku mwaka ziri hejuru y'amafaranga miliyoni imwe y'u Rwanda (1.000.000 FRW).

**Ingingo ya 51: Uburyo bwo kubara umusoro ku nyungu z'ubukode**

Inyungu z'ubukode zisoreshwa ziboneka hamaze kuvanwa mirongo itanu ku ijana (50%) ku nyungu mbumbe, bifatwa nk'amafaranga umusoreshwa akoresha mu bikorwa byo gufata neza umutungo we utimukanwa ukodeshwa.

Iyo umusoreshwa atanze ikimenyetso cy'uko yishyura inyungu ku nguzanyo yahawe na banki kugira ngo yubake cyangwa agure umutungo utimukanwa ukodeshwa, inyungu z'ubukode zisoreshwa zigaragazwa havanwa mu nyungu mbumbe mirongo itanu ku ijana (50%) bifatwa nk'amafaranga akoreshwa mu gufata neza uwo mutungo, hongeweho inyungu nyakuri ku nguzanyo ya banki yishyuwe guhera igihe ubukode bwatangiriye mu gihe cy'umusoro.

3° thirty percent (30 %) for an annual rental income above one million Rwandan francs (FRW 1,000,000).

**Article 51: Rental income tax computation method**

The taxable rental income is obtained by deducting from the gross rental income fifty percent (50%) considered as the expenses incurred by the taxpayer on maintenance and upkeep of the rented property.

When the taxpayer produces the proof of bank interest payments on a loan for the construction or purchase of a rented property, the taxable rental income is determined by deducting from gross rental income fifty percent (50%) considered as the expenses incurred for upkeep of the property plus actual bank interest paid from the beginning of the rental period within the tax period.

3° trente pour cent (30%) pour un revenu locatif annuel supérieur à un million de francs rwandais (1.000.000 FRW).

**Article 51: Mode de calcul de l'impôt sur le revenu locatif**

Le revenu locatif imposable est obtenu en déduisant cinquante pour cent (50%) du revenu locatif brut représentant les dépenses encourues par le contribuable pour la maintenance et l'entretien de l'immeuble loué.

Lorsque le contribuable donne la preuve de paiement d'intérêt bancaire sur le prêt lui accordé pour la construction ou l'achat de l'immeuble loué, le revenu locatif imposable est obtenu en déduisant cinquante pour cent (50%) du revenu locatif brut représentant les dépenses encourues pour l'entretien de l'immeuble majorés de l'intérêt bancaire réellement payé depuis le début de la période de loyer comprise dans l'exercice fiscal.

**Ingingo ya 52: Itariki y'imenyekanisha ry'umusoro ku nyungu z'ubukode**

Umuntu ubona inyungu z'ubukode zisoreshwa amenyekanisha umusoro ku nyungu z'ubukode bitarenze itariki ya 31 Mutarama ya buri mwaka.

**Ingingo ya 53: Ibishyirwa mu imenyekanisha ry'umusoro ku nyungu z'ubukode**

Imenyekanisha ry'umusoro ku nyungu z'ubukode rigomba gutanga ibisobanuro birambuye byerekeye umutungo utimukanwa uwo ari wo wose uri mu Rwanda ukodeshwa harimo n'umusoro wabazwe na nyir'ubwite ubwe.

Uretse imenyekanisha ry'umusoro rikozwe mu buryo bw'ikoranabuhanga, imenyekanisha ry'umusoro ku nyungu z'ubukode rigomba kuba ririho umukono w'umusoreshwa cyangwa umuhagarariye.

**Ingingo ya 54: Itangwa ry'umusoro ku nyungu z'ubukode**

Umusoro ku nyungu z'ubukode ubarwa n'umusoreshwa ubwe wishyurwa urwego rusoresha bitarenze itariki 31 Mutarama

**Article 52: Date of rental income tax declaration**

A person who earns a taxable rental income files a rental income tax declaration not later than 31st January each year.

**Article 53: Contents of rental income tax declaration**

The rental income tax declaration must show details of any rented immovable property located in Rwanda including the tax due assessed by a taxpayer himself/herself.

Except for electronic tax declaration, the rental income tax declaration is signed by the taxpayer or his/her proxy.

**Article 54: Rental income tax payment**

The rental income tax assessed by a taxpayer himself/herself is paid to the tax administration not later than 31st January of the year following the concerned tax period.

**Article 52: Date de déclaration de l'impôt sur revenu locatif**

Une personne qui gagne un revenu locatif imposable fait une déclaration de l'impôt sur le revenu locatif au plus tard le 31 janvier de chaque année.

**Article 53: Contenu de la déclaration de l'impôt sur revenu locatif**

La déclaration de l'impôt sur revenu locatif doit donner les détails de tout bien immeuble loué situé au Rwanda, y compris l'impôt dû calculé par le contribuable lui-même.

À l'exception de la déclaration électronique de l'impôt, la déclaration de l'impôt sur le revenu locatif est signée par le contribuable ou son mandataire.

**Article 54: Paiement de l'impôt sur le revenu locatif**

L'impôt sur le revenu locatif calculé par le contribuable lui-même est payé à l'administration fiscale au plus tard le

y'umwaka ukurikira igihe cy'umusoro kirebwa n'umusoro wishyurwa.

31 janvier de l'année qui suit l'exercice fiscal concerné.

**Icyiciro cya 2: Amahoro yakirwa n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage**

**Ingingo ya 55: Ubwoko bw'amahoro yishyurwa inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage**

Amahoro yishyurwa inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage ni amahoro yose inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage zigenerwa n'iri tegeko n'andi mategeko.

**Ingingo ya 56: Amahoro yishyurwa ku mirimo ikozwe**

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko ariho, Inama Njyanama y'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage ishobora kwaka amahoro ku mirimo ikozwe n'urwo rwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage mu ifasi yarwo.

**Section 2: Fees levied by decentralized entities**

**Article 55: Types of fees to be paid to decentralized entities**

Fees to be paid to decentralized entities are all fees entitled to them by this Law and other laws.

**Article 56: Fees levied on services rendered**

Without prejudice to the provisions of other laws in force, the Council of the decentralized entity can charge fees on public services rendered by the decentralized entity within its jurisdiction.

**Section 2: Taxes perçues par des entités décentralisées**

**Article 55: Sortes de taxes payables à des entités décentralisées**

Les taxes payées aux entités décentralisées sont toutes les taxes qui leur sont dévolues par la présente loi et d'autres lois.

**Article 56: Taxes perçues sur les services prestés**

Sans préjudice des dispositions d'autres lois en vigueur, le Conseil de l'entité décentralisée peut exiger des taxes pour les services rendus par l'entité décentralisée dans son ressort.

**Ingingo ya 57: Igenwa ry'amahoro yakwa n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage**

Iteka rya Perezida rishyiraho amahoro yakwa kuri serivisi no ku byemezo bitangwa n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage rikanagaragaza urutonde n'ibipimo ntarengwa byayo.

**Icyiciro cya 3: Ingingo zihuriweho n'imisoro n'amahoro**

**Ingingo ya 58: Urwego rusoresha**

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urwego rubara kandi rukakira imisoro n'amahoro mu izina ry'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage kandi rigashyiraho ikiguzi cy'iyo mirimo.

**Ingingo ya 59: Inyungu n'ibihano by'ubukererwe**

Umusoro utishyuriwe igihe ubarwaho inyungu ya rimwe n'igice ku ijana (1.5%). Inyungu z'ubukerererwe zibarirwa ku kwezi, nta gukomatanya, bahereye ku munsi ukurikira uwo umusoro wagombaga kwishyurirwaho kugeza ku munsi w'ubwishyu na wo ubariwemo. Buri kwezi gutangiye gufatwa nk'ukwezi kuzuye.

**Article 57: Determination of fees levied by decentralized entities**

A Presidential Order determines fees levied for public services and certificates delivered by decentralized entities and set out the list and standard rates of these fees.

**Section 3: Common provisions to taxes and fees**

**Article 58: Tax administration**

A Prime Minister's Order determines the institution in charge of assessment and collection of taxes and fees on behalf of decentralized entities and fixes costs of these services.

**Article 59: Interests and penalties for late payment**

The tax not paid on time bears an interest of one point five percent (1.5%). The interest is calculated on a monthly basis, non-compounding, counting from the first day after the date the tax should have been paid until the day of payment, which is included. Every month started will count as a complete month.

**Article 57: Détermination des taxes perçues par les entités décentralisées**

Un arrêté présidentiel fixe les taxes perçues pour les services publics et attestations délivrés par les entités décentralisées et dresse la liste et les taux standards de ces taxes.

**Section 3: Dispositions communes aux impôts et taxes**

**Article 58: Administration fiscale**

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'institution chargée de l'évaluation et de la collecte d'impôts et taxes pour le compte des entités décentralisées et fixe les frais de ces services.

**Article 59: Intérêts et pénalités pour paiement tardif**

L'impôt non payé à l'échéance est porteur d'intérêt d'un virgule cinq pour cent (1,5%). Les intérêts de retard sont calculés mensuellement et non composés, à compter du premier jour qui suit la date à laquelle l'impôt aurait dû être payé jusqu'au jour du paiement inclus. Chaque mois commencé compte pour un mois complet.

Uretse inyungu igomba kwishyurwa, hagomba no gutangwa inyongera ingana n'icumi ku ijana (10%) by'umusoro ugomba gutangwa. Icyakora, iyo nyongera ntishobora kurenga amafaranga ibihumbi ijana y'u Rwanda (100.000 FRW).

Igihano cya mirongo ine ku ijana (40%) by'umusoro ugomba gutangwa gihanishwa umusoreshwa wese utaratangiye imenyekanisha ry'umusoro ku gihe n'uwatanze amakuru atariyo.

**<u>Ingingo ya 60</u>: Imitunganyirize y'isoresha**

Imitunganyirize y'isoresha ikurikizwa mu kwakira imisoro n'amahoro bivugwa muri iri tegeko igenwa n'iteka rya Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze.

**<u>Ingingo ya 61</u>: Itangazwa ry'ibyemezo birebana n'imisoro n'amahoro**

Ibyemezo bifashwe n'Inama Njyanama y'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage byerekeye imisoro n'amahoro biratangazwa kandi bikamanikwa ku mazu yose y'ubuyobozi bw'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage bireba.

Except the interest payable, a surcharge equivalent to ten percent (10%) of the tax due must be paid. However, such a surcharge cannot exceed an amount of one hundred thousand Rwandan francs (FRW100, 000).

Any taxpayer who fails to file a tax declaration on time and the one who files a false declaration are liable to a penalty of forty percent (40%) of the tax due.

**<u>Article 60</u>: Tax procedure**

An Order of the Minister in charge of taxes determines tax procedure applicable to collection of taxes and fees provided for by this Law.

**<u>Article 61</u>: Publication of taxes and fees related decisions**

Decisions taken by the Council of a decentralized entity in respect of taxes and fees are published and posted at all concerned decentralized entity administrative buildings.

Outre l'intérêt payable, un accroissement équivalent à dix pour cent (10%) de l'impôt dû est payé. Toutefois, cet accroissement ne peut pas dépasser cent mille francs rwandais (100.000 FRW).

Tout contribuable qui ne dépose pas une déclaration d'impôt dans le délai imparti et celui qui dépose une fausse déclaration sont passibles d'une pénalité de quarante pour cent (40%) de l'impôt dû.

**<u>Article 60</u>: Procédure fiscale**

Un arrêté du Ministre ayant les impôts dans ses attributions détermine la procédure fiscale applicable à la collecte d'impôts et taxes prévus par la présente loi.

**<u>Article 61</u>: Publication des décisions relatives aux impôts et taxes**

Les décisions prises par le Conseil d'une entité décentralisée en rapport avec les impôts et les taxes sont publiées et affichées à tous les bâtiments administratifs de l'entité décentralisée concernée.

**Ingingo ya 62: Ubusaze bw'uburenganzira bwo kugenzura**

Uburenganzira bwo kugenzura busaza nyuma y'imyaka itanu (5) ibarwa uhereye ku itariki ya mbere Mutarama ikurikira igihe cy'isoresha. Iki gihe kimara imyaka icumi (10) mu gihe habayeho ibikorwa bigenzurwa cyangwa ibikorwa byo kunyereza umusoro.

**UMUTWE WA III: IZINDI NKOMOKO Z'IMARI Y'INZEGO Z'IMITEGEKERE Y'IGIHUGU ZEGEREJWE ABATURAGE**

**Ingingo ya 63: Inguzanyo**

Urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage rushobora kuguza amafaranga rubanje kubyemererwa na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze hakurikijwe ibiteganywa mu itegeko ngenga ryerekeye imari n'umutungo bya Leta.

Inguzanyo z'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage zikoreshwa gusa mu ishoramari hakurikijwe gahunda z'iterambere z'urwo rwego.

**Article 62: Limitation period for audit right**

The audit right is subject to the statute of limitation after five (5) years from the 1st January following the tax period. This limitation period lasts for ten (10) years in case of audit or tax evasion activities.

**CHAPTER III: OTHER SOURCES OF REVENUE FOR DECENTRALIZED ENTITIES**

**Article 63: Loans**

A decentralized entity can borrow money with prior approval of the Minister in charge of finance in accordance with the Organic Law on State Finance and Property.

Borrowings of a decentralized entity are only for investment according to the development plans of this entity.

**Article 62: Prescription du droit d'audit**

Le droit d'audit est prescriptible après cinq (5) ans à compter à partir du premier janvier qui suit l'exercice fiscal. Cette période de prescription dure dix (10) ans en cas d'activités d'audit ou d'évasion fiscale.

**CHAPITRE III: AUTRES SOURCES DE REVENUS DES ENTITÉS DÉCENTRALISÉES**

**Article 63: Emprunts**

Une entité décentralisée peut emprunter de l'argent avec l'accord préalable du Ministre ayant les finances dans ses attributions conformément à la loi organique relative aux finances et au patrimoine de l'État.

Les emprunts d'une entité décentralisée sont utilisés uniquement à des fins d'investissement conformes aux plans de développement de cette entité.

**Ingingo ya 64: Ishoramari**

Urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage rushobora gushora amafaranga mu masosiyete y'ubucuruzi no mu bigo by'imari. Uburenganzira bwo gushora amafaranga mu masosiyete y'ubucuruzi, muri banki z'ubucuruzi no mu bindi bigo byigenga, butangwa na Ministiri ufite imari mu nshingano ze amaze kubyumvikanaho na Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze.

Iteka rya Minisitiri ufite imari mu nshingano ze rishyiraho amabwiriza yerekeye umubare w'amafaranga yo gushora n'ibindi birebana n'ishoramari.

**Ingingo ya 65: Inkunga y'imari itangwa na Leta**

Buri mwaka Guverinoma igenera inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage nibura gatanu ku ijana (5%) by'amafaranga yinjiye imbere mu gihugu mu gihe cy'umusoro gishize kugira ngo afashe izo nzego kongera ingengo y'imari yazo.

**Article 64: Investments**

A decentralized entity can invest in companies and financial institutions. The authorization to invest in companies, commercial banks and other private institutions is granted by the Minister in charge of finance after consultation with the Minister in charge of Local Government.

An Order of the Minister in charge of finance determines regulations in relation to the amount for investment and other matters relating to investment.

**Article 65: Government subsidies**

Every year, the Government transfers to decentralized entities at least five percent (5%) of the domestic revenue of the previous tax period in order to support their budgets.

**Article 64: Investissements**

Une entité décentralisée peut investir dans des sociétés commerciales et des institutions financières. L'autorisation d'investir dans des sociétés commerciales, dans des banques commerciales et dans d'autres établissements privés est accordée par le Ministre ayant les finances dans ses attributions après concertation avec le Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions.

Un arrêté du Ministre ayant les finances dans ses attributions détermine le règlement en rapport avec le montant pour les investissements et autres matières relatives aux investissements.

**Article 65: Subventions de l'État**

Chaque année, le Gouvernement transfère aux entités décentralisées au moins cinq pour cent (5%) des recettes intérieures de l'exercice fiscal précédent pour soutenir leurs budgets.

## UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

**Ingingo ya 66: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 67: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko**

Itegeko n° 59/2011 ryo ku wa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze rikanagena imikoreshereze yabyo n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 68: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku itariki ya mbere Mutarama 2019 rimaze gutangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

## CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS

**Article 66: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.

**Article 67: Repealing provision**

Law n° 59/2011 of 31/12/2011 establishing the sources of revenue and property of decentralized entities and governing their management and all prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

**Article 68: Commencement**

This Law comes into force as of 1st January 2019 after its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

## CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES

**Article 66: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

**Article 67: Disposition abrogatoire**

La Loi n° 59/2011 du 31/12/2011 portant source de revenus et du patrimoine des entités décentralisées et régissant leur utilisation et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 68: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur à partir du 1er Janvier 2019 après sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 07/09/2018

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 07/09/2018

(sé)
**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 07/09/2018

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

| UMUGEREKA W'ITEGEKO N° 75/2018 RYO KU WA 07/09/2018 RIGENA INKOMOKO Y'IMARI N'UMUTUNGO BY'INZEGO Z'IMITEGEKERE Y'IGIHUGU ZEGEREJWE ABATURAGE | ANNEX TO LAW N° 75/2018 OF 07/09/2018 DETERMINING THE SOURCES OF REVENUE AND PROPERTY OF DECENTRALIZED ENTITIES | ANNEXE A LA LOI N° 75/2018 DU 07/09/2018 PORTANT SOURCES DES REVENUS ET DU PATRIMOINE DES ENTITÉS DÉCENTRALISÉES |
|---|---|---|
| **AMAFARANGA ASHINGIRWAHO MU KUBARA UMUSORO W'IPATANTI** | **THE BASIS FOR THE CALCULATION OF TRADING LICENSE TAX** | **LA BASE POUR LE CALCUL DU DROIT DE PATENTE** |
| **<u>Imbonerahamwe ya I</u>. Ibikorwa byose bibyara inyungu byandikishijwe gutanga umusoro ku nyongeragaciro (VAT/TVA)** | **<u>Table I</u>. All value added tax (VAT) registered profit-oriented activities** | **<u>Tableau I</u>. Toutes les activités lucratives enregistrées pour payer la taxe sur la valeur ajoutée (TVA)** |

| Amafaranga yose yacurujwe | Umusoro ugomba gutangwa | Turnover | Tax due | Chiffre d'affaires | Impôt dû |
|---|---|---|---|---|---|
| Kuva ku ifaranga rimwe 1 FRW kugeza ku 40.000.000 FRW | 60.000 FRW | From 1 to FRW 40,000,000 | FRW 60,000 | De 1 à 40.000.000 FRW | 60.000 FRW |
| Kuva ku 40.000.001 Kugeza ku 60.000.000 FRW | 90.000 FRW | From 40,000,001 to FRW 60,000,000 | FRW 90,000 | De 40.000.001 à 60.000.000 FRW | 90.000 FRW |
| Kuva ku 60.000.001 Kugeza ku 150.000.000 FRW | 150.000 FRW | From 60,000,001 to FRW 150,000,000 | FRW 150,000 | De 60.000.001 à 150.000.000 FRW | 150.000 FRW |
| Hejuru ya 150.000.000 FRW | 250.000 FRW | Above FRW 150,000,000 | FRW 250,000 | Plus de 150.000.000 FRW | 250.000 FRW |

**<u>Imbonerahamwe ya II</u>. Ibindi bikorwa bibyara inyungu**

| Inzego z'imirimo | Mu cyaro/ FRW | Mu mijyi y'u Rwanda/ FRW | Mu mujyi wa Kigali/ FRW |
|---|---|---|---|
| a) Abacuruzi badafite amaduka, abanyabuko rikori bakora imirimo iciriritse | 4.000 | 6.000 | 8.000 |
| b) Abatwara abantu n'ibintu ku mapikipiki | 8.000 | 8.000 | 8.000 |
| c) Ibindi binyabiziga byose uretse amagare | 40.000<br><br>Buri kinyabizi ga | 40.000<br><br>Buri kinyabizi ga | 40.000<br><br>Buri kinyabiziga |
| d) Imirimo yo gutwara ibintu n'abantu mu mato afite moteri | 20.000<br><br>Buri bwato | 20.000<br><br>Buri bwato | 20.000<br><br>Buri bwato |
| e) Indi mirimo ibyara inyungu | 20.000 | 30.000 | 40.000 |

**<u>Table II</u>. Other profit-oriented activities**

| Type of Activity | Rural area/ FRW | Towns /FRW | City of Kigali/ FRW |
|---|---|---|---|
| a) Vendors without shops, small scale technicians | 4,000 | 6,000 | 8,000 |
| b) Transporters of people and goods on motorcycle | 8,000 | 8,000 | 8,000 |
| c) All other vehicles besides bicycles | 40,000<br><br>Each vehicle | 40,000<br><br>Each vehicle | 40,000<br><br>Each vehicle |
| d) For transport activities by motor boat | 20,000<br><br>Each boat | 20,000<br><br>Each boat | 20,000<br><br>each boat |
| e) Others profit-oriented activities | 20,000 | 30,000 | 40,000 |

**<u>Tableau II</u>. Autres activités lucratives**

| Type d'activités | Zone rurale/ FRW | Villes/ FRW | Ville de Kigali/ FRW |
|---|---|---|---|
| a) Ambulants, artisans sans moyens mécaniques | 4,000 | 6,000 | 8,000 |
| b) Transport des personnes et des biens par motocyclettes | 8.000 | 8.000 | 8.000 |
| c) Autres véhicules à l'exception des bicyclettes | 40,000<br><br>chaque véhicule | 40,000<br><br>chaque véhicule | 40,000<br><br>chaque véhicule |
| d) Activités de transport par bateau à moteur | 20,000<br><br>chaque bateau | 20,000<br><br>chaque bateau | 20,000<br><br>chaque bateau |
| e) Autres activités lucratives | 20,000 | 30,000 | 40,000 |

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Itegeko n° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage.**

Kigali, ku wa **07/09/2018**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Seen to be annexed to Law n° 75/2018 of 07/09/2018 determining the sources of revenue and property of decentralized entities.**

Kigali, on **07/09/2018**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**Vu pour être annexé à la Loi n° 75/2018 du 07/09/2018 portant sources des revenus et du patrimoine des entités décentralisées.**

Kigali, le **07/09/2018**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux